Rwanda Education Board

# Ikinyarwanda

## Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri

Umwaka wa mbere w'amashuri abanza



# Ikinyarwanda

## Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri

Umwaka wa mbere w'amashuri abanza

Iki ni igitabo cy'umwarimu cyasubiwemo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri, cyanditswe bwa mbere muri 2015, n'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

**Abanditse iki gitabo:**
HAGENIMANA Jean Pierre
NIYITEGEKA Dative
UWIBANZE Theophile
NYIRANGENDAHIMANA Marie Rose
UWAMARIYA Clotilde
MUKANTAGANDA Adrie

**Abajyanama:**
GATERA Augustin
Patrick Curry
NTIRENGANYA Alphonse
BACUMUWENDA Nehemiah
MUKANTAHONDI Vénantie
KUBWIMANA Fortunée

**Abatunganyije iki gitabo:**
SIBOMANA M. Eric
TWIZEYIMANA Jean Pierre

**Abashushanyije:**
BIZIMANA Sefu
BANZA Dolph
BAZAMBANZA Rupert
MUNYURANGABO Jean de Dieu
MUNYANKUYO Celestin

**Abanditse iki gitabo bwa mbere:**
MUHUMUZA Winnie
ARABARUTA Martin
KANYAMIBWA Epaphrodite
MUREKATETE Marie Béatrice
NIYITEGEKA Dative
IKIRIZA Hope
UWIRAGIYE Chantal
NDAHAYO Protogène
RUDASINGWA Emile

© 2018 Rwanda Education Board
Uburenganzira bw'umwanditsi w'inkuru zikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

## NTIKIGURISHWA

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara ku nkuga ya Leta y'Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

# Ijambo ry'ibanze

Igitabo cy'umwarimu gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri kigenewe umwarimu wigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza, cyanditswe mu mwaka wa 2015 n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB), gisubirwamo mu mwaka wa 2018, ku nkunga y'Ikigo cy'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID) binyujijwe mu mushinga Soma Umenye. Ni igitabo kije gufasha mu gushyira mu bikorwa gahunda yo guteza imbere umuco wo gusoma no kwandika mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kugira ngo abana bawukurane kuko ari wo nkingi y'uburezi bufite ireme.

Iki gitabo gikubiyemo inkuru zisomerwa abanyeshuri zubakiye ku nsanganyamatsiko ziteganywa mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi y'umwaka wa mbere. Kizafasha umwarimu guha abana urugero rw'uburyo bagomba gusoma. Inkuru zikubiye muri iki gitabo zizabera umwarimu imfashanyigisho ituma abana bunguka amagambo mashya kandi bakamenya indangamuco n'indangagaciro nyarwanda. Gusomera abana izo nkuru bibatera ishyaka n'inyota yo kwisomera ubwabo ndetse no guhugukira ibyo biga.

Mu gutegura iki gitabo, hashingiwe ku mahame y'iyigandero mu bijyanye n'imyigishirize ihamye yo gutoza abana umuco wo gusoma bakiri bato, ku buryo gusomera umwana inkuru zikubiye muri iki gitabo bizamufasha gukurana umuco wo gusoma kandi akawusigasira mu buzima bwe bwose. Ni yo mpamvu mu gutegura iki gitabo hitabajwe impuguke zinyuranye mu by'uburezi no mu myigishirize y'indimi, cyanecyane ibijyanye no gusoma no kwandika inkuru zigenewe abana kugira ngo kinogere umwarimu kandi kigirire akamaro abanyeshuri.

Turashimira rero abantu bose bagize uruhare mu kwandika iki gitabo kuko bashyigikiye ku buryo bw'umwihariko igikorwa cyo gutoza abana umuco wo gusoma no kwandika bakiri bato. Turasaba kandi abantu bose bazasoma n'abazakoresha iki gitabo gutanga ibitekerezo basanga byatuma kirushaho kunogera abo kigenewe.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**
Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe
Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

# Ishakiro


**Ijambo ry'ibanze ........ v**

**Iriburiro ........ viii**

**Umutwe wa 1: Umuco n'indangagaciro ........ 1**

Umunsi wa mbere w'ishuri ........ 1

Dutizanye ibikoresho ........ 3

Tugire ikinyabupfura ........ 5

Tugire umuco wo gutabarana ........ 7

Imyifatire iboneye ku meza ........ 9

**Umutwe wa 2: Isuku ........ 11**

Twite ku isuku y'umubiri wacu ........ 11

Kwirinda biruta kwivuza ........ 13

Abana ba Twiga bararwaye ........ 15

Isuku y'ibiribwa iwacu ........ 17

Tunywe ibinyobwa bifite isuku ........ 19

Imvubu Barahira ........ 21

Natsindiye umudari ........ 23

**Umutwe wa 3: Umuryango ........ 25**

Nirere mu biruhuko kwa sekuru ........ 25

Iwacu turafashanya ........ 27

**Umutwe wa 4: Ibidukikije ........ 29**

Urugendo shuri ........ 29

Ibyiza by'iwacu ........ 31

Amazi ni isoko y'ubuzima ........ 33

Akamaro k'umwuka ........ 35

Twite ku bidukikije ........ 37

**Umutwe wa 5: Uburenganzira bw'umwana ........................................ 39**
Abana bose bagomba kwiga ........................................ 39
Ababyeyi bita ku bana ........................................ 41
Imikino idufitiye akamaro ........................................ 43
Kariza ku ishuri ........................................ 45

**Umutwe wa 6: Kwirinda no gukumira ihohoterwa ........................................ 47**
Wibabara n'akanyoni ........................................ 47
Umwana ni nk'undi ........................................ 49

**Umutwe wa 7: Amatungo yo mu rugo ........................................ 51**
Amatungo ya Furaha ........................................ 51
Urusaku rw'amatungo yo mu rugo ........................................ 53

**Umutwe wa 8: Indyo yuzuye ........................................ 55**
Turye indyo yuzuye ........................................ 55
Ubwenge burarahurwa ........................................ 57
Umushyitsi udasanzwe ........................................ 59

**Umutwe wa 9: Kuzigama ........................................ 61**
Tuzigamire ejo hazaza ........................................ 61
Tureke gusesagura ........................................ 63
Byishimo n'abavandimwe be ........................................ 65
Tugire umuco wo kuzigama ........................................ 67
Giraneza na Kanyenyeri ........................................ 69

# Iriburiro

Kuva ku munsi wa mbere abanyeshuri bakigera ku ishuri, bishimira kubona ibitabo no gutangira kubikoresha. Abanyeshuri biyubakamo umuco wo gukunda gusoma, iyo bagize amahirwe yo gusomerwa inkuru zitandukanye. Gusomerwa inkuru inshuro nyinshi zishoboka ni bumwe mu buryo bwo kumenyereza abanyeshuri gusobanukirwa n'ibyanditse, mbere y'uko batangira kwisomera ubwabo.

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe ku nkuru zanditswe n'umushinga EDC L3 ziranonosorwa hanyuma hiyongeramo izindi nkuru nshya. Gikubiyemo inkuru umwarimu asomera abanyeshuri bo mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza. Inkuru zisomerwa abanyeshuri ni bumwe mu buryo bukoreshwa mu kwigisha kumva, kuvuga, gusoma no kwandika. Ubu buryo bushya bw'imyigishirize y'Ikinyarwanda buteganya inkuru umwarimu azajya asomera abanyeshuri buri cyumweru.

Buri nkuru ishingiye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe n'abashinzwe uburezi, mu rwego rwo gutoza abanyeshuri uburere bwabagirira akamaro, kandi bukanagirira akamaro Igihugu cyabo n'umuryango mugari w'Abanyarwanda. Izo nsanganyamatsiko zituma kandi bagira ubumenyi ku bibazo bihanze isi batuyemo n'ubushobozi bwo gutanga umusanzu wabo mu kubishakira umuti uboneye.

Insanganyamatsiko zateganyijwe mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza ni izi zikurikira: Umuco n'indangagaciro, isuku, umuryango, ibidukikije, uburenganzira bw'umwana, kwirinda no gukumira ihohoterwa, inyamaswa zo mu rugo, indyo yuzuye n'umuco wo kuzigama.

Uko abanyeshuri basomerwa inkuru zitandukanye zishingiye kuri izi nsanganyamatsiko, bakazikoraho imyitozo itandukanye yo kuzisesengura, ni ko barushaho gucengerwa n'ubutumwa buzikubiyemo.

Buri nkuru kandi igenda igaruka ku nyuguti cyangwa igihekane kizigishwa muri icyo cyumweru. Ikomeza rero gukoreshwa mu masomo amwe y'icyo cyumweru by'umwihariko muri buri somo rya mbere n'irya kabiri ry'icyumweru.

Umwarimu aboneraho umwanya wo guha abanyeshuri urugero rw'uburyo bagomba gusoma inkuru. Abanyeshuri basomerwa inkuru zinyuranye bunguka amagambo mashya kandi bakagira amatsiko yo gusoma. Uko abanyeshuri bagenda barushaho kunguka amagambo mashya, ni na ko bagenda barushaho kunguka ibitekerezo, bagatanga ibitekerezo byabo, kandi bagafata ibintu bishya bigishijwe ku buryo bworoshye.

Inkuru zisomerwa abanyeshuri kandi ni ikigega umwarimu ashobora kuvomamo amagambo cyangwa se interuro ziganjemo inyuguti cyangwa igihekane bizigwa muri icyo cyumweru. Nk'urugero, umwarimu ashobora kongera gusoma igika runaka k'inkuru maze agasaba abanyeshuri gushaka amagambo arimo inyuguti cyangwa igihekane kigwa muri icyo cyumweru.

Ni ngombwa ko umwarimu aba ari we usomera abanyeshuri izi nkuru kuko ziba zirimo inyuguti n'uburyo bw'imyandikire baba batariga. Inkuru za buri cyumweru kandi zubatse ku buryo zifite intangiriro, igihimba ndetse n'iherezo kandi ziba zishingiye ku kibazo kigomba gushakirwa umuti. Ntidushidikanya ko iki gitabo kizafasha umwarimu kugeza ku bo yigisha ubushobozi bakeneye. Ubwo ni ubushobozi bwo gutega amatwi ibyo basomerwa cyangwa bumva bagakuramo ubutumwa bwa ngombwa. Bagomba kandi kugenda bunguka ubushobozi bwo gusesengura ubwo

butumwa bumvise bakabucengera ku buryo bwimbitse, bityo bagahindura imico n'imyifatire bagana aheza.
Izi nkuru zizafasha kandi abanyeshuri guteza imbere ubushobozi bwabo mu kuvuga, basubira mu byavuzwe mu nkuru mu magambo yabo, bubahiriza ibice biyigize, bityo bagatangira kongera ubushobozi bwo kwihangira inkuru bo ubwabo.

Mu myitozo abanyeshuri bakora kuri buri nkuru, bagomba kugenda bunguka ubushobozi rusange bukenewe mu buzima nko gukorera hamwe, kujya impaka zubaka, gutekereza byimbitse, gusangira n'abandi ibitekerezo mu mvugo iboneye, gushakashaka no gukemura ibibazo.

Ubushobozi bakuramo bufasha cyane abanyeshuri kumva inkuru bazajya bisomera ubwabo.

**Uko iki gitabo gikwiye gukoreshwa**

Mbere yo gusomera abanyeshuri inkuru, umwarimu yereka abanyeshuri amashusho ari ku rupapuro ruriho umutwe w'inkuru, akababazaho ibibazo. Ingero: Ni iki mubona? Muratekereza ko inkuru iza kuvuga ku ki? Kubera iki? Hanyuma akabasomera umutwe w'inkuru.

Mu gihe cyo gusomera abanyeshuri inkuru, umwarimu afata igitabo, akagendagenda mu ishuri ku buryo abanyeshuri bose babasha kubona amashusho, hanyuma akabasomera inkuru yose. Mbere y'uko asoma igika, yereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'icyo gika bakagira icyo bayavugaho. Mu gihe umwarimu asomera abanyeshuri inkuru, ni ngombwa gukoresha amarangamutima n'isesekaza bijyanye n'ibivugwa mu nkuru.

Nyuma yo gusomera abanyeshuri inkuru, umwarimu abaha umwanya wo kumva inkuru. Ababaza ibibazo by'ingenzi bibafasha kwibuka ibyo amaze kubasomera. Ni nde? Ni hehe? Ni ryari? Ni iki? Ni ukubera iki?

Nyuma yaho, umwarimu yongera gusomera abanyeshuri inkuru bakagenda batahuramo amagambo akomeye bagafatanya kuyasobanura, cyangwa se akababaza amakuru mashya bakuyemo ndetse bakanagereranya ibivugwa mu nkuru n'ubuzima bwabo busanzwe. Abanyeshuri kandi bagenda bahabwa imikoro inyuranye ikubiyemo ibindi bikorwa by'umunyeshuri biteganywa mu nteganyanyigisho nko gushushanya ibivugwa mu nkuru, kuvuga irindi herezo ry'inkuru, kujya impaka ku nsanganyamatsiko zijyanye n'ibivugwa mu nkuru ndetse no kwigana cyangwa gukina ibivugwa mu nkuru.

Mu gusesengura inkuru umwarimu ashobora kwifashisha uburyo bukurikira:

Abanyeshuri basubiramo inkuru mu magambo yabo bwite. Bashobora kandi kuvuga ibyabaye mu ntangiriro, rwagati no mu mpera y'inkuru. Umwarimu afasha abanyeshuri gusubiramo inkuru ababaza ibibazo bituma bavuga ibyo bibuka ku nkuru.


## Umutwe wa 1: Umuco n'indangagaciro

# Umunsi wa mbere w’ishuri



Ana na Badege ni abana b’impanga. Ana ni umukobwa naho Badege ni umuhungu. Mu gihe biteguraga gutangira umwaka wa mbere w’amashuri abanza, bari bafite amatsiko menshi. Bibazaga uko baziga gusoma, kwandika no kubara. Bifuzaga kubona umwarimu wabo no kwigana n’abandi bana.

Mu cyumweru kibanziriza itangira ry’amashuri, Ana na Badege bagiye gusura nyirasenge Kangabe i Kigali. Yarabazimaniye, bakomeza kuganira. Arababaza ati: “Ubu se mwiteguye gutangira amashuri abanza?” Basubiriza icyarimwe bagira bati: “Yego turiteguye cyaneee!” Nyirasenge abonye ukuntu bibashimishije arababwira ati: “Ku ishuri muzahasanga ibintu byinshi bishimishije.”



Igihe cyo gutangira kiragera, bajya ku ishuri bambaye umwambaro w'ishuri mushya. Bari bafite udukapu dushya turimo amakayi n'amakaramu.

Hashize iminsi, nyirasenge aza kubasura, atungurwa no kubasanga basoma. Nuko bamusanganira bishimye baramuhobera. Ana avugira hejuru yishimye ati: "Twize inyuguti zitandukanye. Ubu nzi ko izina ryange Ana ritangirwa n'inyuguti A." Badege na we avuga aseka ati: "Uzi ko nange nzi ko izina ryange Badege, ritangirwa n'inyuguti B!"

Nuko Ana na Badege bahita batangira kuririmba bakuranwa bati: "a, b, c, d, e, f, g, h, i, j, k, l, m, n, o, p, r, s, t, u, v, w, y, z."

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ana na Badege bari bafite ayahe matsiko?
2. Ana na Badege bagiye gusura nde?
3. Nyirasenge wa Ana na Badege basuye yari atuye he?
4. Ese namwe mwagize amatsiko yo gutangira ishuri?
5. Ni bande mwasuye mbere yo kuza kwiga?
6. Ni bande bazi inyuguti zitangira amazina yabo?

# Dutizanye ibikoresho


Igihe kimwe, abanyeshuri barimo biga isomo ryo gushushanya. Umwarimu asaba abanyeshuri bose kubanza gutegura ibikoresho byo gushushanyisha. Ako kanya abanyeshuri bashakashaka amakayi, amakaramu y'igiti, amakaramu y'amabara, igoma n'ibindi bikoresho. Umwarimu abasobanurira icyo bagiye gushushanya n'uko babigenza.

Ubwo umwarimu yagendagagendaga yitegereza agenzura niba abanyeshuri biteguye gutangira gushushanya bose, abona umunyeshuri witwa Mariza yicaye yubitse umutwe adakora ibyo abandi bakora. Nuko aramuhagurutsa amubaza impamvu we adashushanya nk'abandi.

Mariza avugana umubabaro n'ikiniga ko yibagiriwe mu rugo agakapu gato yabikagamo ibikoresho bye byose byo gushushanya. Ako kanya abanyeshuri benshi bahita batangira gutiza Mariza ibikoresho byo gushushanya. Umwe amutiza ikaramu y'igiti, undi amutiza amakaramu y'amabara, undi amutiza igoma.

Muri ako kanya umwarimu abamenyesha ko bagiye gushushanya igiti. Nuko batangira kwitoza guca imirongo yose bari bukenere bashushanya. Babanza kwitoza guca imirongo ihagaze, itambitse, iberamye n'ihese. Bashushanya igiti, bashyiraho amashami, amababi n'indabyo. Banasiga amabara.





Mariza na we ashushanya igiti ndetse anagisiga amabara. Hakurikiraho umwanya wo kwerekana ibishushanyo. Igishushanyo cya Mariza cyari mu bishushanyo bitatu byiza kurusha ibindi. Mariza arishima, ashimira bagenzi be ko bamutije ibikoresho by'ishuri. Kuva ubwo abanyeshuri bose bakomeza umuco mwiza wo gutizanya ibikoresho.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni irihe somo abanyeshuri bigaga?
2. Ni nde wibagiriwe mu rugo ibikoresho byo gushushanya?
3. Subiza Yego cyangwa Oya. Abanyeshuri bigana na Mariza banze kumutiza ibikoresho byo gushushanya?
4. Wabigenza ute wibagiriwe amakaramu mu rugo?
5. Mugenzi wawe aramutse abuze ikaramu wowe ufite abiri, wabigenza ute?
6. Mu ishuri ni ibiki mujya mushushanya?

# Tugire ikinyabupfura

Kera habayeho umwana w'umukobwa akitwa Marebe. Yabanaga n'iwabo mu Bugarama. Marebe yari bucura mu bana b'iwabo. Yavukanaga n'abandi bana babiri, Mahoro na Muhire. Mahoro na Muhire bubahaga ababyeyi babo muri byose, naho Marebe we akabasuzugura bikabije.

Umunsi umwe, se yahamagaye abana be bose ati: "Yemwe bana bange mwe, nimuge kugaburira ziriya nkoko n'ihene dore zirashonje." Mahoro na Muhire basubiriza icyarimwe n'ikinyabupfura kinshi bati: "Yego data." Nuko baherako bajya kuzigaburira. Marebe we arikiriza ariko yanga kujyayo. Se abibonye atyo abwira Marebe ati: "Gusuzugura ni ingeso mbi."

Kubera ko Marebe yasuzuguraga ababyeyi be, benenyina bangaga gukina na we. Marebe yabasabaga ko bakina, bakamubwira ko batakina n'umwana mubi, utagira ikinyabupfura. Marebe yasaba se kumusomera inkuru, se akamusubiza ko atasomera inkuru umwana ufite imyitwarire mibi. Ibyo byatumye Marebe atangira kwigunga, akitekerezaho ababaye, yibaza uko yakwikosora.





Nyuma y'igihe kitari gito, Marebe abaza Mahoro na Muhire niba aramutse agize ikinyabupfura bakwemera gukina na we. Bose bahita bamusubiriza icyarimwe bati: "Cyane rwose." Se yarabumvaga na we ahita yungamo abwira Marebe ati: "Uramutse wisubiyeho ukagira imyitwarire myiza, nange najya ngusomera inkuru ukishima."

Se ahita abwira abo bana be bose ati: "Muge mwitwara neza ntimugasuzugure ababyeyi banyu, muge mubumvira muri byose, mukore imirimo babategetse gukora." Marebe ariyumvira ahita afata ikemezo cyo guhinduka, yiga kugira ikinyabupfura no gufasha abandi.

### Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Muri iyi nkuru ni nde utaragiraga ikinyabupfura?
2. Abavugwa mu nkuru bari batuye he?
3. Iyo ababyeyi bawe bakubwiye gukora umurimo urabubaha?
4. Umwana usuzugura ababyeyi be wamugira iyihe nama?
5. Ese ku ishuri mugomba gusuzugura abarimu banyu?
6. Uyu mwandiko ukwigishije iki?

# Tugire umuco wo gutabarana



Umunsi umwe, umukecuru Muhorakeye yabyutse mu museso ajya ku isoko rya Mururu. Ageze ku isoko ajya aho Cyuzuzo yacururizaga. Aramubwira ati: “Ndashaka kugura umuceri, umunyu, ibitunguru, imbuto, amakaramu y’ubururu y’abuzukuru bange n’udutabo bazajya basomamo udukuru. Ndashaka kandi kubagurira ihene y’umutamu bakajya bayitaho.”

Cyuzuzo areba mu iduka rye aha Muhorakeye ibyo yashakaga. Muhorakeye abika amahaho mu gikapu. Cyuzuzo amuherekeza kugura ihene y’umutamu. Bamaze kuyibona Muhorakeye afata inzira arataha. Mu nzira Muhorakeye anyura iruhande rw’agashyamba maze inkende zari mu giti zibonye imineke yari mu gikapu ke, zimukubita umutego ku kaguru yikubita hasi. Inkende zinyanyagiza ibyari mu gikapu zirya imineke yose yari irimo.

Muri ako kanya hatunguka abana babiri Umutoni n’Umuhoza, babonye ibyabaye kuri Muhorakeye biyemeza kumutabara. Barasakuza bati: “Puuu, puuu, puuu!” Inkende zose zirukira icyarimwe. Batoragura amahaho ya Muhorakeye bayasubiza mu gikapu ke. Nuko Muhorakeye arahaguruka.



Yitegereza za nkende uburyo ziri kwiruka zihunga aratangara, ashimira Umutoni n'Umuhoza bamutabaye. Umutoni n'Umuhoza baterura amahaho ya Muhorakeye ngo bamukorere agende, bumva araremereye cyane. Biyemeza kumutwaza, Umutoni yikorera igikapu kinini, Umuhoza na we atwara agakapu gato, naho Muhorakeye atwara ihene.

Bageze mu rugo, Muhorakeye ahamagara abuzukuru be, basuhuza Umutoni n'Umuhoza, abaha ikirago baricara. Abazimanira amata n'ibijumba by'amafufu. Abwira abuzukuru be ko Umutoni n'Umuhoza ari abana beza, bubaha kandi bagafasha abantu bakuze. Abasaba ko bababera urugero rwiza.


## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Umukecuru Muhorakeye yabyutse mu museso ajya he?
2. Ni iki Muhorakeye yaguriye abuzukuru be ku isoko?
3. Ni bande batabaye Muhorakeye?
4. Iyo uhuye n'umuntu ufite ibintu byamunaniye kubitwara ukora iki?
5. Ese ni byiza gutabara umuntu ufite ikibazo?
6. Ni iki wakora ubonye abana mwigana bari kurwana?

# Imyifatire iboneye ku meza

Nyampinga abana na nyina Kangabe. Nyina amuha uburere bwiza muri byose. Amutoza kubaha abato n'abakuru no kubana neza n'abandi mu mahoro. Amutoza kandi uko umwana ufite ikinyabupfura agomba kwifata ku meza igihe ari kurya.

Nyampinga yubahiriza ibyo nyina amutoza. Mbere yo kurya akaraba intoki n'amazi meza n'isabune. Iyo ageze ku meza yicara neza, akarurira ku isahani ye ibyo ari bumare kandi bimuhaza. Iyo atangiye kurya, yirinda kuzuza ibiryo amatama, kuvugana ibiryo mu kanwa cyangwa kubijundika. Yirinda kandi gukanja ibyo atamiye yasamye kugira ngo abo bari kumwe ku meza batagira isesemi. Nyampinga arya atamenagura ibiryo ku meza kugira ngo atabisesagura.





Umunsi umwe, Nyampinga yasuye abana baturanye asanga bari kurya, bamuha ikaze ku meza. Nyampinga abasaba amazi yo gukaraba intoki baramubwira ngo naze arye nta kibazo. Arabahakanira ababwira ko adashobora kurya adakarabye intoki. Bamuha amazi arakaraba arangije atangira kurya. Mu kanya gato Muhizi bari kumwe ku meza atangira kubara inkuru ari kurya, ibiryo biramukora arakorora ndetse amarira araza. Bagenzi be na bo batangira kumuseka bafite ibiryo mu kanwa. Nyampinga arumirwa, ababuza kumuseka. Ababwira ko kuganirira ku meza, byemewe ari uko umuntu yabanje kumira ibyo afite mu kanwa.

Barangije kurya bahita bisohokera, Nyampinga ahasigara wenyine. Arabahamagara ababwira ko bagomba kujya batunganya aho baririye. Nyampinga abasaba ko bakwicara akanya gato akabaganiriza. Bamutega amatwi ababwira ibyo nyina yamutoje. Abasobanurira imyifatire iboneye umwana wese ndetse n'umuntu mukuru agomba kugira ari ku meza. Abana bose bari aho baramushimira, biyemeza kutazongera kugira imyifatire mibi ku meza.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Nyina wa Nyampinga amutoza iki?
2. Mbere yo kurya Nyampinga abanza gukora iki?
3. Ni iki cyatumye Muhizi akorora amarira akaza?
4. Abana bamaze kurya bagasohoka, Nyampinga yabigenje ate?
5. Ni iki kiranga abana badafite ikinyabupfura?
6. Iyo umuntu ari kuvuga afite ibiryo mu kanwa bigenda bite?

# Twite ku isuku y'umubiri wacu

Turi abanyeshuri beza, twiga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza. Umwarimu wacu yitwa Obedi. Atwigisha kuvuga neza, gusoma, kubara no kwandika. Mbere y'uko twinjira mu ishuri, dukora umurongo imbere y'ishuri, umwarimu wacu akareba ko dufite isuku ku mubiri. Areba ko twogoshe imisatsi kandi n'abafite mike akareba ko bayisokoje neza. Areba kandi ko inzara z'amano n'intoki ziciye. Iyo hari udafite isuku, amugira inama ndetse akamwibutsa ko isuku ari isoko y'ubuzima.

Umunsi umwe, Omari twigana yaje kwiga yakererewe, kandi asa nabi. Yari afite ubutuna n'ingonera atakarabye mu maso, ndetse afite n'imikori ku maguru. Ntiyaherukaga guca inzara z'intoki n'iz'amano. Umusatsi we wari warabaye injwiri adaheruka kuwogosha no kuwukarabamo. Imyenda y'ishuri ntiyaherukaga isabune, yari yarataye ibara, bigaragara ko ayikorana imirimo yo mu rugo kandi bitemewe.

Twese twaramubonye turumirwa, dutangira kumukwena. Umwarimu wacu aratubuza, atubwira ko kumukwena nta cyo byamumarira, ko ahubwo tugomba kumugira inama nziza. Umwarimu wacu afata akamashini kogosha amukuraho umusatsi, afata n'urwembe rushya amuca inzara z'intoki n'iz'amano.





Arangije amutuma ku ivomero kuzana amazi yo kwiyuhagira. Agarutse umwarimu amuha isabune n'amavuta amusaba kujya mu bwogero gukaraba. Agaruka mu ishuri ari nta makemwa. Twese tumubonye biradushimisha.

Guhera uwo munsi nta munyeshuri wongeye kuza kwiga asa nabi. Twese tuza kwiga twiyogoshesheje, twakarabye, twogeje amenyo, twambaye imyenda imeshe kandi irambuye neza.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Aba banyeshuri biga mu mwaka wa kangahe?
2. Ni nde waje ku ishuri atakoze isuku y'umubiri?
3. Ese Omari amaze gukaraba yaje mu ishuri asa neza?
4. Iyo ubyutse mu gitondo ni iyihe suku ukora?
5. Ese ababyeyi banyu babatoza gukora isuku y'umubiri?
6. Kudakora isuku y'umubiri byadutera izihe ndwara?

# Kwirinda biruta kwivuza

Igitondo kimwe, Karori yarakangutse agira ngo age ku ishuri, yumva arababara umutwe wose. Yikoze ku matama yumva yabyimbaganye. Nuko ananirwa kubyuka aguma mu buriri arira cyane.

Nyina yiteguraga kujya kubagara uburo i Rukara. Mbere y'uko agenda, abanza kujya kubyutsa Karori. Aramuhamagara ati: “Karori, byuka bwangu uge kwiga, dore burakeye.” Karori ahita arira cyane yigaragura ku buriri ataka cyane ati: “Ayi weee! Amatama weee! Amatwi weee! Amaso weee! Amazuru weee!” Buri gice cy'umutwe we cyarababaraga. Nyina amurebye asanga yabyimbye amatama bikabije kandi adashobora kujya kwiga.

Ubwo aherako areka kujya kubagara uburo ahita amujyana kwa muganga witwa Kabera. Bagezeyo Kabera aramwakira, aramusuzuma. Areba mu kanwa asanga ishinya yabyimbye, harimo imyanda myinshi. Hari harimo kandi umunuko. Nuko Muganga Kabera asukura neza amenyo ya Karori akoresheje uburoso, amazi meza n'umuti w'amenyo.





Muganga akomeza kumusuzuma n'amatwi. Afata itara ryabugenewe maze amumurika mu matwi. Yasanze huzuyemo imyanda yenda gufunga umwenge w'ugutwi. Muganga asukura amatwi ya Karori akoresheje ipamba n'umuti wabugenewe. Muganga ahita areba no mu mazuru ya Karori. Yasanze haracitse ibisebe kandi harimo imyanda myinshi yenda kumubuza guhumeka. Nuko Muganga amusukura amazuru akoresheje ibikoresho byabugenewe.

Muganga Kabera amuha imiti, maze abagira inama yo kwirinda indwara z'amenyo, iz'amatwi n'izo mu mazuru. Karori amutega amatwi, niko kuvuga ati: "Urakoze muga, menye ko kwirinda biruta kwivuza". Kuva ubwo, Karori akoza amenyo buri gihe nyuma yo kurya, kandi agasukura amatwi n'amazuru akoresheje ibikoresho byabugenewe.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Nyina wa Karori yiteguraga kujya he?
2. Ni iki cyatumye Karori arira?
3. Umuganga wavuye Karori yitwa nde?
4. Ni ryari umuntu akwiye koza amenyo?
5. Ni gute wakora isuku yo mu matwi?
6. Ni iyihe nama wagira abana bahorana umwanda mu mazuru?

# Abana ba Twiga bararwaye



Twiga yari ifite abana babiri. Ntiyitaga ku isuku y'urugo rwayo n'iy'abana bayo.  Ibyo bigatuma abo bana bahora barwaye amavunja, amaga n'inda mu mutwe. Bararaga barira, bishimagura, bakagira n'umuriro mwinshi, ibyo bigatera Twiga kwibaza icyo yakora. Nyamara abaturanyi bayo n'abana babo bari bafite ubuzima bwiza.

Umunsi umwe Twiga yigira inama yo kujya gusaba inzovu Mutware umuti w'abana bayo. Igezeyo isanga abana ba Mutware bakora isuku. Umwe yozaga amasahani, akayahanaguza agatambaro gasukuye, akayabika ahabugenewe. Undi yarakuburaga naho Mutware ikamesa imyenda y'abana bayo. Barangije, barakaraba bambara imyenda imeshe. Ibyo byose babikoraga Twiga ibitegereza.

Mutware irangije kwitunganya neza, ibaza Twiga ikiyigenza, iyisubiza ko ishaka umuti w'abana bayo barwaye. Mutware yitegereza Twiga iyibwira ko niba abana bayo basa nk'uko nyina isa, uburwayi bwabo bwaba bukomoka ku mwanda. Twiga ntiyishimira ibyo Mutware iyibwiye ikomeza urugendo ishaka umuti.

Igera ku mugina w'imiswa isanga imiswa yose ikora isuku. Imwe ikubura, indi yoza amasahani. Nuko Twiga ibwira imiswa ko abana bayo barembye. Imiswa ireba Twiga ukuntu isa nabi irayibwira iti: "Ni gute abana bawe batarwara niba bafite umwanda nk'uwawe?"



Twiga imaze kubona ko inzovu Mutware n'imiswa biyibwiye ko abana bayo barwara kubera umwanda, itangira kwigaya. Itangira gutekereza icyo yakora. Mu nzira iribwira iti: “Nkwiye guhindura imyifatire nge n'abana bange tukagira isuku naho ubundi ubuzima bwacu bwarushaho kuba bubi.” Mu minsi yakurikiyeho Twiga ikora uko ishoboye ikora isuku mu rugo rwayo, yoza ibikoresho byose byo mu rugo, iriyuhagira iracya, itoza abana bayo isuku bagahora basa neza ku buryo abaturanyi bayo bahageraga bagatangara. Kuva ubwo Twiga n'abana bayo ntibongera kurwara.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Abana ba Twiga bari barwaye iki?
2. Twiga yasanze Mutware n'abana bakora iki?
3. Mu minsi ikurikiyeho Twiga yakoze iki?
4. Umubiri wacu twawugirira isuku dute?
5. Ese hari abana muturanye bagira umwanda?
6. Kuki tugomba kugira isuku?

# Isuku y'ibiribwa iwacu

Nitwa Kirabo. Iwacu dutegura amafunguro atandukanye. Dutegura umutsima w'uburo, imboga z'ubwoko bwose, imbuto, ibishyimbo, ibijumba, imyumbati n'ibindi.

Iyo mama agiye guteka imboga, azitotora yitonze, akazironga inshuro nyinshi kugira ngo hatagira udusimba dutera indwara dusigaramo. Buri gihe, mama adutegurira amafunguro arimo imboga mbisi. Azironga mu mazi meza umwanda ugashiramo. Iyo agiye kuzikata, akoresha icyuma cyogeje neza, akazikatira ku bikoresho bisukuye. Mama akunda kutugurira imbuto zirimo amacunga, ibinyomoro, amatunda, imineke, amapapayi, imyembe n'avoka.

Umunsi umwe, musaza wange Rorero yari avuye mu rugendo rurerure, afata ikinyomoro maze atangira kukirya kitaronze. Nuko Mama amubonye aramubwira ati: "Rorero we, rorera kurya izo mbuto, ntabwo zogeje!" Ako kanya, Rorero nange dufata imbuto, tuzironga mu mazi meza, tuzihanaguza igitambaro cyabugenewe gisukuye.





Ababyeyi bacu badutoje gushyira ibiribwa mu bikoresho byogeje. Dusukura neza amasahani, amasafuriya, ibiyiko n'ibindi. Iwacu mu rugo, twatojwe gupfundikira ibiribwa byose kuko iyo amasazi akoze ku biribwa, ashobora gusigaho imyanda itera indwara. Iyo abantu bariye ibiribwa byanduye bashobora kurwara indwara zitandukanye nk'inzoka, impiswi n'izindi.

Ababyeyi bacu kandi badutoje gukaraba intoki neza mbere yo gutegura no gufata amafunguro. Nta cyo byaba bimaze gusukura no gufungura ibiribwa dufite intoki zanduye. Dukaraba amazi meza n'isabune hanyuma tukihanaguza agatambaro gasukuye kabugenewe. Ibiribwa byose turiye bisukuye, bigirira umubiri wacu akamaro. Aho isuku yageze, indwara ziriruka zikahacika. Duharanire kwita ku isuku y'ibiribwa.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Nyina wa Kirabo akunda kugura izihe mbuto?
2. Ni nde babujije kurya ikinyomoro kitogeje?
3. Subiza yego cyangwa oya. Ese nyina wa Rorero yamubonye arya ikinyomoro kitogeje aramwihorera?
4. Kuki tugomba kurya ibiribwa bisukuye?
5. Ni izihe ndwara ushobora kurwara uriye ibiryo bidasukuye?
6. Aho mutuye hari abana barya badakarabye intoki? Mwabagira iyihe nama?

# Tunywe ibinyobwa bifite isuku

Nitwa Karera. Mu biruhuko bishize nge na mushiki wange Karire twasuye masenge Karara utuye mu Karere ka Karongi. Tugezeyo atwakiriza amafunguro ateguye neza. Turarya turangije turaruhuka.



Bukeye mu gitondo turabyuka. Tumaze gushira iroro, dufata utujerekani tujya kuvoma ku iriba. Tugeze mu rugo, Karire afata amazi ngo anywe kuko yari afite inyota. Masenge aramubwira ati: “Sigaho kunywa amazi adatetse.” Ajya mu nzu azana akajerekani gasukuye karimo amazi afutse asukira Karire mu gikombe aramuha aranywa. Ahita atubwira guteka ayandi mazi kuko andi yari agiye gushiramo. Karire yoza isafuriya neza nange ncana umuriro. Dufata akajerekani k’amazi dusuka mu isafuriya dutereka ku ziko.

Amaze kubira masenge Karara ayateruraho, ayatereka hasi ngo abanze ahore. Amaze guhora masenge azana akayunguruzo arayayungurura ayasuka mu kajerekani gasukuye ayatereka ahabugenewe. Dushimira masenge Karara ko atwigishije uko bategura amazi yo kunywa. Tumusaba ko yatwigisha n’uko bategura igikoma n’umutobe w’imbuto kuko tubikunda, aratwemerera.




Bukeye, masenge Karara atubyutsa kare ngo atwigishe uko bateka igikoma. Agiteka tureba ari nako tumubaza ibyo tudasobanukiwe. Gihiye, adusukira mu bikombe byogeje neza araduha turanywa. Igisigaye agisuka muri teremusi yogeje neza arakibika.

Ku munsi ukurikiyeho, masenge Karara atwigisha uko bategurana isuku umutobe w'imvange y'imbuto. Umutobe yakoze wari ufite isuku kandi uryoshye cyane. Igihe twamaze kwa masenge Karara, cyatubereye ingirakamaro. Ubu dutegurira abo mu rugo iwacu ibyo kunywa bifite isuku ndetse tukigisha n'abandi bana duturanye uko bategurana isuku ibinyobwa.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Karera na Karire basuye nde?
2. Karera na Karire batetse iki?
3. Ni ibihe binyobwa bindi nyirasenge Karara yabigishije guteka?
4. Ese iyo ufite inyota unywa amazi ameze ate?
5. Ese iwanyu iyo bamaze guteka amazi bayabika he?
6. Ese kunywa amazi atetse bimaze iki?

# Imvubu Barahira



Kera habayeho imvubu ikitwa Barahira. Yabanaga na nyina hamwe na bakuru bayo Buranga na Bakina mu bibaya. Nyina yahoraga yifuza kubona abana bayo bakarabye, bambaye imyambaro imeshe kandi irambuye neza. Buranga na Bakina bumviraga nyina bagahorana isuku ariko Barahira yo ntibikozwe.

Barahira ntiyakarabaga ntiyanamesaga imyambaro yayo igahora isa nabi. Iyo imvura yagwaga yajyaga gukinira mu byondo yavamo ntikarabe. Izuba ryava, ikicara mu ivumbi ikirebera amashusho mu gitabo yanduje kubera kudakaraba. Nyina wa Barahira yahoraga ibwira umwana wayo ngo akarabe anamese ntabyiteho. Umunsi umwe, isanga Barahira ireba amashusho mu gitabo irayibwira iti: “Haguruka uge gukaraba urasa nabi bikabije. Reba amatwi yawe yuzuye imyanda n’ibirenge byawe byuzuye amaga.” Barahira yica amatwi irakomeza yirebera amashusho mu gitabo. Nyina ikomeza kuyinginga biranga biba iby’ubusa.



Umunsi umwe inyamswa zose zitumirwa mu birori by'imyiyereko y'ubwiza. Buranga na Bakina zambara imyambaro myiza igoroye, zisiga n'amavuta ahumura neza. Bakina yo ntiyakaraba, yambara imyambaro itameshe. Imyiyereko itangiye, Buranga igendagenda imbere y'izindi nyamaswa ihindura ingendo maze zose zikayikomera amashyi. Imvubu Bakina na yo yerekana imbyino idasanzwe inyamaswa zose zirishima. Igihe cya Barahira kigeze, ihagarara imbere y'inyamaswa zose zaje kwiyereka. Zumvise ukuntu inuka, zipfuka amazuru zirayiseka cyane.

Barahira iramwara, ijya kwihisha kubera isoni. Ihita yibuka inama nyina yayigiraga yiyemeza guhindura imyifatire. Igeze mu rugo, yiyambura imyambaro yayo irayimesa maze irakaraba. Irangije yambara indi myambaro imeshe kandi irambuye neza. Abavandimwe bayo Buranga na Bakina batashye basanga Barahira yisukuye cyane. Bahamagara nyina n'izindi nyamaswa, ziyirebye ziratangara. Nyina irayihobera irayibwira iti: "Ntuzongere kugira umwanda ukundi kuko isuku ari isoko y'ubuzima."

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Barahira yabanaga na nde?
2. Barahira yagiraga isuku?
3. Izindi nyamaswa zasetse Barahira yagiye he?
4. Iyo imvura iguye ni byiza gukinira mu byondo no mu biziba?
5. Iyo usa nabi ukora iki?
6. Ubonye umwana udakunda gukaraba wamugira iyihe nama?


# Natsindiye umudari

Nitwa Rebeka, niga mu mwaka wa mbere. Umunsi umwe, umwarimu yatubwiye ko hari amarushanwa ku isuku ku ishuri ryacu. Karabo abaza umwarimu ati: “Uzatsinda amarushanwa bazamuhemba iki?” Umwarimu amubwira ko bazamuha umudari na mudasobwa. Rubibi, Karabo na Ribakure babwira umwarimu ko ari bo bazarusha abandi banyeshuri.

Nageze mu rugo mbaza mama isuku bavuga iyo ari yo. Ambwira ko isuku igaragarira ku mubiri, ku myambaro, mu byo turya, aho dutuye, aho tugenda, ku ishuri, kwa muganga n’ahandi. Maze gusobanukirwa isuku icyo ari cyo, niyemeza kuzarushanwa n’abandi akaba ari nge wegukana umudari. Mu ishuri umwarimu wacu atangira kujya atubaza ibibazo ku isuku kugira ngo ahitemo abazitabira amarushanwa.

Umunsi wo gusoza amarushanwa ugeze, umuyobozi w’ikigo aduhuriza hamwe twese. Bahamagara abanyeshuri bose bitwaye neza muri buri shuri. Ahamagaye abo mu ishuri ryacu, numva avuze Karabo, Ribakure na Rebeka. Nshimishwa no kumva nange bampamagaye. Umuyobozi asaba buri wese kuvuga uko yakwita ku isuku. Nsubiza ko buri munsi ngomba gukubura mu rugo, ngasasa aho ndara, ngakaraba ndetse nkambara imyenda imeshe.





Buri munsi kandi ngomba gusukura ibyo ndiraho n'ibyo nyweramo nagera ku ishuri ngasukura n'aho twigira. Ngomba kandi kugirira isuku aho nyura nirinda guta imyanda aho mbonye hose.

Umuyobozi abaza abagomba gukora isuku abo ari bo. Karabo avuga ko ari abakozi bo mu rugo n'abakora isuku ku ishuri. Mpita nshyira akaboko hejuru nsubiza ko buri wese agomba gukora isuku kandi ikamuranga aho ari hose. Umuyobozi w'ishuri ahita anshimira, asaba abanyeshuri n'abarimu ko bampa amashyi, avuga ko ari nge utsinze irushanwa. Ako kanya ahita anyambika umudari, ampa n'igikapu kirimo mudasobwa.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Umwarimu yabwiye abanyeshuri ko hari amarushanwa y'iki?
2. Ni abahe bana batsinze mu ishuri?
3. Ni bande bagomba gukora isuku?
4. Mu rugo iwanyu ujya ukora iyihe suku?
5. Ese iyo udakora isuku bigutwara iki?
6. Ni iyihe nama wagira umwana ukunda kwiyanduza?


# Umutwe wa 3: Umuryango

## Nirere mu biruhuko kwa sekuru

Nitwa Nirere, mfite imyaka umunani. Nagize amanota meza mu ishuri, data na mama bampemba kujya gusura sogokuru na nyogokuru ku Munini.

Twagiye mu modoka nini. Tukigerayo batwakira neza. Data na mama babakiriza umutobe ngewe kuko nikundira inanasi aba ari yo nirira. Bugorobye data na mama barataha maze nsigarana na sogokuru na nyogokuru. Sogokuru atangira kunganiriza. Arambaza ati: “Ese abavandimwe bawe baraho?” Sogokuru abonye ntinze gusubiza, yongeraho ati: “Ndavuga mukuru wawe Nakure, musaza wawe Bunani na murumuna wawe Ana.” Nuko mpita musubiza nti: “Ese ni abo washakaga kuvuga? Baraho bameze neza.”





Bukeye mu gitondo hari ku wa kane njyana na nyogokuru mu murima agiye kubagara amasaka. Mbonamo inuma umunani. Nyogokuru ansaba kuzirukana kuko zamwoneraga amasaka. Ntera agati mu masaka zigurukira rimwe. Mbona akandi kanyoni gafite umunwa muremure numva ndagakunze. Mbaza nyogokuru uko kitwa ambwira ko ari umununi. Turataha, bumaze kwira haza abana ba Kanani dutaramira nyogokuru. Aducira imigani, atwigisha gusakuza natwe turamuririmbira. Numvaga nakwigumanira na bo.

Nyuma y'iminsi ine, nsubira iwacu. Sogokuru na nyogokuru bampa imineke yo gushyira mukuru wange Nakure, musaza wange Bunani na murumuna wange Ana. Ngeze mu rugo, ababyeyi n'abavandimwe bange banyakirana ubwuzu. Mbatekerereza ibihe byiza nagiriye kwa sogokuru na nyogokuru. Ndangije nzana imineke navanye kwa nyogokuru nyisangira na Nakure, Bunani na Ana. Turangije dukina umukino w'urunana tukajya turirimba tuti: "Urunana rw'abana batoya, umuceri mu gacaca."

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Sekuru na nyirakuru ba Nirere batuye hehe?
2. Nirere asubiye iwabo sekuru na nyirakuru bamuhaye imineke yo gushyira bande?
3. Nirere n'abavandimwe be bakinnye uwuhe mukino?
4. Wowe iyo ukoze neza mu rugo baguhemba iki?
5. Iyo usuye abaturanyi bakwakiriza iki?
6. Ni iki kigushimisha iyo wasuye abantu bo mu muryango wawe?

# Iwacu turafashanya

Mirimo, Barame na Marebe ni abavandimwe. Ababyeyi babo ni Minani na Mukamunana. Batuye i Karuruma. Ababyeyi babo barabakunda, babaha ibyo bakeneye byose. Babagaburira indyo yuzuye, barabavuza, babagurira imyambaro n'ibikoresho by'ishuri. Mirimo, Barame na Marebe na bo barakundana, bumvira ababyeyi babo, bagaharanira no gutsinda mu ishuri.

Mu rugo kwa Minani na Mukamunana, baruzuzanya kandi barafashanya muri byose. Mirimo, Barame na Marebe barazinduka, bakiyuhagira umubiri wose, bakoza amenyo, bagasasa n'uburiri bwabo. Bajya ku ishuri, bavayo bagafasha ababyeyi mu mirimo itandukanye ihwanye n'imbaraga zabo. Mirimo afasha nyina gusukura amasahani. Akenshi Mirimo arayoza nyina akayahanagura cyangwa nyina akayoza Mirimo akayahanagura. Mukuru we Barame na mushiki we Marebe basukura mu rugo, bafatanya na nyina gutegura amafunguro.





Iyo barangije imirimo basangira baganira. Iyo bamaze gufungura, Mirimo, Barame na Marebe bakora umukoro bakuye ku ishuri. Nyuma babwira ababyeyi babo ibyo bize na bo bakabatega amatwi bakababaza n'utubazo. Iyo barangije, Mirimo, Barame na Marebe basobanuza se na nyina ibyo bize batumva neza.

Ababyeyi b'aba bana kandi bafasha sekuru na nyirakuru. Babasura kenshi bakabafasha mu mirimo itandukanye y'ubuhinzi n'ubworozi. Mirimo, Barame na Marebe na bo, iyo basuye sekuru na nyirakuru, babafasha imirimo inyuranye nko gukora isuku yo mu rugo, kuvoma amazi no kwahirira inyana. Buri wese mu bagize umuryango wabo, ashishikazwa no kuzuza neza inshingano ze.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Ababyeyi ba Mirimo, Barame na Marebe ni bande?
2. Subiza yego cyangwa oya. Mirimo, Barame na Marebe bumvira ababyeyi babo?
3. Buri wese mu rugo kwa Minani na Mukamunana ashishikazwa n'iki?
4. Mujya mufasha abo mubana mu rugo imirimo?
5. Ni iyihe mirimo mufasha abo mu rugo?
6. Iyo urwaye ababyeyi bawe bakora iki?

# Urugendo shuri

Ku wa gatanu ushize, umwarimu wacu Mugeni yadusabye kuvuga ibimera byose tuzi. Tumaze kubivuga, aratubwira ati: “Uyu munsi tugiye gukora urugendo shuri twige ku bimera.” Dufata amakayi n'amakaramu turasohoka. Tujya mu mirima ikikije ikigo cyacu irimo ibimera bitandukanye.

Dutangirira ku mirima iteyemo imboga z’amoko anyuranye. Twitegereza imboga zirimo karoti, amashu, intoryi, imiteja, ibitunguru n'ibindi. Mbega imboga nziza! Zari zitohagiye, zisa neza ku buryo twumvaga twakomeza kuzitegereza. Umwarimu adusobanurira akamaro ka buri bwoko bw'imboga. Arangije adusaba ko nitugera ku ishuri tuzashushanya ubwoko butatu bw’imboga twakunze kurusha izindi.

Tuvuye mu mirima y’imboga tujya mu mirima y'imbuto. Tubona ibiti by'imyembe, avoka, amacunga, indimu, ibinyomoro n'ibindi. Ibiti byose byari bifite imbuto nziza kandi zihishije. Abana twese tugira amashyushyu dushaka kuzihanura, umwarimu aratubuza. Atangira kudusobanurira akamaro ka buri bwoko bw’imbuto. Adusaba ko nitugera ku ishuri tuza gushushanya ubwoko bune bw’imbuto twakunze kurusha izindi.







Urugendo rwacu turukomereza mu murima w'indabo zitandukanye. Tubona indabo z'amoko menshi zifite amabara atandukanye. Izo ndabo zari nziza, utunyugunyugu tw'amabara meza dutambatamba hejuru yazo. Umwarimu adusobanurira akamaro k'indabo. Adusaba kuza gushushanya indabo twakunze kurusha izindi.

Tuvuye mu murima w'indabo twasuye umusozi muremure wariho ishyamba. Iryo shyamba ryarimo amahumbezi, inyoni z'amoko anyuranye ziguruka mu mashami y'ibiti. Muri iryo shyamba kandi harimo ibiti birebire, ibihuru, ibyatsi bigufi n'ibirebire. Umwarimu adusobanurira akamaro k'ibiti, atwereka na bimwe mu byatsi bivamo imiti. Adusaba ko nitugera ku ishuri tuza gushushanya ibiti n'ibyatsi twakunze kurusha ibindi. Ako kanya atubwira ko urugendo shuri tururangije. Twari tugifite amatsiko yo kumenya andi moko y'ibimera. Urugendo shuri rwatubereye rwiza cyane kandi twarwigiyemo ibintu byinshi tutari tuzi.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Umwarimu n'abanyeshuri bakoze iki?
2. Abanyeshuri babanje gusura iki?
3. Umusozi muremure basuye wariho iki?
4. Ni ibihe bimera biri mu kigo wigamo?
5. Ibimera bidufitiye akahe kamaro?
6. Vuga ibimera bitatu iwanyu batera mu murima?

# Ibyiza by'iwacu

Nitwa Gatoya. Iwacu dutuye ku musozi utatswe n'ibyiza byinshi. Hariho umudugudu w'ikitegererezo ugizwe n'amazu meza n'ibiti biduha akayaga keza. Ni wo musozi mwiza mu karere kacu.

Iyo uri ku musozi w'iwacu, uba ureba ahantu heza henshi cyane. Ubona imisozi miremire iteganye n'uwacu, iriho amashyamba n'amaterasi y'indinganire ateyeho ibihingwa bitandukanye. Iyo uri mu mpinga y'umusozi wacu, ubona ibibaya biteyemo umuceri n'ibisheke byinshi bagemura mu ruganda rukora isukari.

Iyo tuvuye iwacu tujya gusura masenge Mariya na babyara bacu Yuriya na Yona, tunyura mu kabande aho abahinzi bahinga ibijumba n'ibikoro mu mayogi. Iyo tuvuye mu kabande, duterera akandi gasozi, tukongera tukakamanuka. Hanyuma tukagera mu kibaya kirimo ikiyaga kinini. Iyo tuhageze umubyeyi wacu yatubwiye ko tugomba guhagarara tugategereza umusare ngo atwambutse mu bwato. Mbega ukuntu ari byiza kugenda mu bwato wumva akayaga ko mu kiyaga!





Iyo tugeze kwa masenge Mariya, dukunda gusanga abagara ibirayi yateye ku mirongo. Iyo tumaze kuruhuka, adutembereza ku wundi musozi muremure uteganye n'aho atuye. Uwo musozi uriho ibiti birebire bikurura imvura bikanatanga umwuka mwiza duhumeka. Muri ibyo biti harimo inkende nyinshi. Zimwe ziba zurira ibiti zihetse abana bazo izindi zikina, zisoroma imbuto mu mashami y'ibiti.

Iwacu ni heza cyane! Ba mukerarugendo ntibasiba kuhasura. Muzaze namwe mudusure mwihere amaso ibyiza by'iwacu.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Umusozi w'iwabo wa Gatoya utatswe n'iki?
2. Imisozi iteganye n'uw'iwabo wa Gatoya iriho iki?
3. Ibiti biri ku musozi wo kwa nyirasenge bimaze iki?
4. Ni ibiki bihinze aho utuye?
5. Ishyamba rimariye iki abantu?
6. Ni ibihe bintu byiza biri ku musozi w'iwanyu?

# Amazi ni isoko y'ubuzima

Torero na Tamari ni ababyeyi ba Tito. Mu minsi ishize, Tito yari mu bitaro arwaye indwara ikomoka ku mwanda. Umwarimu wacu atubwira ko tuzajya kumusura nuko duhitamo abazaduhagararira kuko tutari kujyayo twese.

Tugeze mu rugo tubibwira ababyeyi, baduha uruhushya badutegurira n'ibyo kumugemurira. Tugeze kwa muganga, duha Tamari ibyo twazaniye Tito. Ahita amuha amata arayagotomera. Igihe cyo gutaha kigeze, tumusezeraho tumwifuriza kurwara ubukira, se Torero araduherekeza. Tugisohoka tubona umuforomokazi waganirizaga ababyeyi baje gukingiza abana. Dusaba umwarimu guhagarara tukumva ibyo umuforomo yigishaga ku kamaro k'amazi, aratwemerera.

Umuforomokazi aduha ikaze, atwereka aho twicara. Tumaze kwicara, akomeza ikiganiro avuga akamaro amazi adufitiye. Twese abari aho adusaba kumubwira icyo amazi atumariye. Tuvuga ko amazi tuyanywa, tukayameshesha, tukayakaraba, tukayatekesha, tukayogesha ibikoresho turiraho n'ibyo dutekamo. Tunavuga kandi ko amazi ari ingenzi ku bihingwa kuko atuma bikura neza. Ashima ibisubizo tumuhaye atwibutsa ko tutagomba kunywa amazi avuye ku ivomero. Adusobanurira ko iyo amazi avuye ku ivomero, tugomba kuyateka akabira. Nyuma tukayatereka mu kintu gisukuye, yamara guhora agasukwa mu kajerekani kogeje kandi gapfundikirwa tukabona kuyanywa.






Umuforomokazi arakomeza avuga ko amazi ari ingenzi mu gusukura ibiribwa no kubiteka. Ibi bikarinda indwara ziterwa n'isuku nke nk'inzoka n'izindi. Yanatubwiye kandi ko abantu benshi batita ku isuku y'intoki. Atwibutsa ko igihe cyose mbere yo kurya na nyuma yo gusohoka mu bwiherero ari ngombwa gukaraba intoki n'amazi meza n'isabune. Arangiza asaba ababyeyi bari aho kujya bashishikariza abana babo kwita ku isuku y'umubiri n'imyambaro yabo kugira ngo bagire ubuzima bwiza. Twatashye tunezerewe twiyemeza kwigisha abo mu rugo na bagenzi bacu ibyo twigiye kwa muganga.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni nde wari urwariye mu bitaro?
2. Tito yari arwaye iki?
3. Amazi atumariye iki?
4. Iwanyu mu rugo mukenera amazi?
5. Iwanyu mudafite amazi mushobora guteka?
6. Ese amatungo na yo akenera amazi?

# Akamaro k'umwuka

Umunsi umwe inyamanza yagiye gutembera. Itembera mu misozi, mu bibaya no mu mashyamba. Yatembereye inshuro nyinshi, yikoza hirya yikoza hino. Abana batatu Zita, Gahizi na Zigama bakinaga umupira ku kibuga barayibona. Bayitegereje babona ni inyoni nziza. Bashaka kuyifata ngo bayitahane.

Uko inyamanza yagurukaga mu kirere ni ko Zita, Gahizi na Zigama bayirukaga inyuma basakuza. Inyamanza yajya iburyo bakajya iburyo, yajya ibumoso bakajya ibumoso. Izuba rimaze kuba ryinshi, inyamanza iraruha, yitura hasi. Ba bana barayifata bayifungirana mu gafuka. Inyamanza igerageza kugasohokamo birayinanira. Inyamanza irajwigira, ibura umwuka maze itangira gusamba. Ako kanya hahinguka umusaza Zakariya, abaza abo bana ibyo barimo. Bose bararebana bagira ikimwaro maze bubika imitwe.

Umusaza Zakariya afata ka gafuka, ahita agapfundura vubavuba, asangamo inyamanza yenda gupfa kubera kubura umwuka. Ayikura mu gafuka atangira kuyihungiza, ayongerera umwuka. Inyamanza irahembuka maze itangira gukubita amababa. Zita, Gahizi na Zigama babibonye baratangara cyane bati: "Yooo! Uzi ko twari tugiriye nabi inyamanza!"





Zakariya afata ya nyamanza, yigiza Zita, Gahizi na Zigama hirya gato, ahateye agashyamba kavamo umwuka mwiza, karimo amahumbezi. Bahageze barishima, bavugira icyarimwe bati: “Mbega ahantu hari umwuka mwiza!” Zakariya arekura ya nyamanza yiruka igana mu mashami y’ibiti. Abo bana batangazwa no kubona inyamanza yongeye kuguruka nka mbere.

Zita, Gahizi na Zigama babaza Zakariya umuti ahaye inyamanza ngo yongere kuguruka. Nuko Zakariya arabasobanurira ati: “Ibinyabuzima byose bikenera umwuka mwiza wo guhumeka.” Ababwira ko na bo uwababafungirana mu mufuka, babura umwuka. Nuko arababwira ati: “Nimwitegereze ibi bimera byose, ni byo biduha umwuka duhumeka.” Baramushimira, bamwizeza kutazongera konona ibidukikije byaba ibimera cyangwa inyamaswa.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Inyamanza yatembereye he?
2. Ni bande bashyize inyamanza mu gafuka?
3. Subiza yego cyangwa oya. Zakariya ni we wakuye inyamanza mu gafuka?
4. Ese natwe dukenera umwuka kugira ngo tubashe guhumeka?
5. Umwuka duhumeka uturuka hehe?
6. Ni iyihe nama wagira abana batera inyoni amabuye?

# Twite ku bidukikije

Ku munsi wo kwita ku bidukikije, twakoze isuku mu busitani bw'ikigo, tunatera ibiti n'indabo kugira ngo ubusitani bwacu burusheho kuba bwiza. Turangije umwarimu wacu adusaba kwinjira mu ishuri kugira ngo atwereke firimi ku bidukikije.

Tumaze kwicara umwarimu wacu atwereka firimi y'ibyiza bitatse u Rwanda. Muri byo twabonye imisozi miremire iriho amazu n'ibihingwa binyuranye ndetse n'ibibaya birimo imigezi. Umwarimu atubaza akamaro k'imisozi n'ibibaya. Mugeni avuga ko imisozi abantu bayituraho bakanayihingaho ibibatunga. Ibibaya na byo bihingwamo ibihingwa bitandukanye, bikababamo n'imigezi irimo amazi dukoresha mu buzima bwa buri munsi.  Umwarimu ashima Mugeni adusobanurira ko twafata neza imisozi n'ibibaya turwanya isuri itwara ubutaka ndetse dutera n'ibiti kuko bifata ubutaka.

Twakomeje kureba firimi tubona ibiyaga birimo imvubu ziri koga. Tubona n'ibindi birimo abarobyi bari mu bwato baroba amafi. Umwarimu yahise adusobanurira ko mu biyaga habamo amafi atunga abantu.  Yongeraho ko hari n'ibiyaga bibamo inyamaswa zikurura ba mukerarugendo bagatanga amafaranga. Yatubwiye ko tutagomba guta imyanda mu mazi y'imigezi cyangwa ibiyaga kuko biyahumanya bikangiza ubuzima bw'ibinyabuzima biyabamo.





Muri firimi twarebye kandi, twabonyemo ahantu hororewe amatungo anyuranye. Umwarimu wacu atubaza akamaro k'amatungo magufi n'amaremare. Gakuru asubiza ko amatungo magufi n'amaremare aduha ibidutunga nk'inyama, amagi, amata n'ifumbire. Umwarimu amwunganira avuga ko ifumbire abahinzi bayishyira mu mirima kugira ngo imyaka yere neza. Anatubwira ko tugomba kwita ku matungo kugira ngo aduhe umusaruro uhagije.

Turangije kureba firimi umwarimu yatubwiye ko ibyo twabonye byose ari ibidukikije. Adusobanurira ko mu bidukikije harimo ibifite ubuzima n'ibitabufite. Atwibutsa ko tugomba gufata neza ibidukikije kuko bidufitiye akamaro kanini. Ashimangira ko ibidukikije bitariho natwe tutabaho.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru?
2. Umwarimu yeretse abanyeshuri iyihe firimi?
3. Ni ibihe binyabuzima biba mu biyaga?
4. Kuki dutera ibiti?
5. Iyo ubusitani bwo ku ishuri ryanyu bumezemo ibyatsi mukora iki?
6. Ubonye umwana mugenzi wawe ata imyanda mu mugezi wakora iki?

# Abana bose bagomba kwiga

Muhoza yujuje imyaka irindwi, se Muhire yamutangije ishuri.Yamujyanye ku ishuri yamuguriye ibikoresho n'umwambaro by'ishuri, atangira akeye. Ku ishuri, abayobozi n'abarezi bakirana abanyeshuri ubwuzu. Abana barakundana, bakina bishimye. Biga guca imirongo, bakina udukino dutandukanye, baririmba n'uturirimbo dushimishije.

Muhoza yavuye ku ishuri anyura kuri Bahati yikoreye ubwatsi bw'ihene. Muhoza amubazanya amatsiko ati: "Bahati, ko wowe batagutangije ishuri?" Bahati aramusubiza ati: "Data na mama bavuze ko nzajya nsigara ku rugo nkahirira n'amatungo." Muhoza arababara. Bahati amusaba kumwigisha ibyo bize, Muhoza aramwemerera. Bahati atura ubwatsi bicara ku muharuro iwabo wa Muhoza. Muhoza amwereka ibyo bashushanyije, amwigisha n'uturirimbo.





Ababyeyi ba Muhoza bari biriwe bahumbika indabo mu bihoho. Nimugoroba batashye bamubaza uko umunsi wa mbere w'ishuri wagenze. Abereka ibyo yashushanyije, abaririmbira n'uturirimbo yafashe mu mutwe. Ababwira ariko ko yababajwe n'uko Bahati atatangiye ishuri. Abasobanurira ko bahuye yikoreye ubwatsi bw'ihene kandi ko na we yifuza kujya kwiga nk'abandi bana. Ababyeyi be bamwemerera gukurikiranira hafi icyo kibazo.

Bukeye mu mugoroba w'ababyeyi, ababyeyi ba Muhoza bavuga ko kwa Buhoro batatangije umwana wabo ishuri. Umuyobozi w'umudugudu abaza Buhoro igituma ahohotera umwana bigeze aho. Yisobanura avuga ko Bahati asigara ku rugo akahirira n'ihene. Bamwamaganira kure bati: "Kuki ushaka kuvutsa umwana uburenganzira bwo kwiga nk'abandi? Kuki ukoresha umwana imirimo ivunanye?" Buhoro aramwara, asaba imbabazi. Yemerera abari aho bose ko agiye kujyana Bahati ku ishuri.


## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Ni bande bakira abanyeshuri ku ishuri?
2. Ni nde babanje kwangira kugana ishuri?
3. Ese ababyeyi ba Muhoza bafashije Bahati?
4. Kujya ku ishuri bimariye iki umwana?
5. Ni bande bafite uburenganzira bwo kwiga?
6. Muvuge ubundi burenganzira bw'umwana muzi.

# Ababyeyi bita ku bana

Susuruka, Suzana na Musoni barakurikirana. Ababyeyi babo Sugira na Mukamasabo bubahiriza uburenganzira bw'abana. Barabagaburira kandi bakabavuza. Bahora babitaho kugira ngo bakure neza. Bakiri bato, babakingije inkingo zose kugira ngo babarinde indwara.

Buri gitondo, Susuruka, Suzana na Musoni banywa igikoma cy'amasaka kirimo amata ya soya n'isukari, bakajya ku ishuri bakomeye. Bituma badasinzira bagakurikira neza mu ishuri. Iyo bavuye ku ishuri basanga nyina yabatekeye ngo baticwa n'inzara. Abatekera ifunguro riboneye ririho ibyubaka umubiri nk'amafi, indagara n'inyama rimwe na rimwe. Abatekera n'ibibatera imbaraga nk'ibijumba, imyumbati n'ibirayi. Kuri buri funguro, ntihaburaho imbuto n'imboga nka dodo, ibisusa, isombe n'isogi.





Mukamasabo agaburira abana be ku gihe. Mbere yo kurya Susuruka, Suzana na Musoni babanza gukaraba intoki n'amazi meza n'isabune. Nyina abagaburira ku masahani afite isuku. Iyo barangije kurya, abaha amazi meza atetse yo kunywa kugira ngo abarinde umwuma. Iyo barangije kurya bararuhuka nyuma bagafasha nyina gusukura ibyo bariRiyeho.

Ababyeyi ba Susuruka, Suzana na Musoni babishyurira ubwisungane mu kwivuza hakiri kare, kugira ngo nibarwara bazabavuze bitabagoye. Iyo hagize urwara bihutira kumujyana kwa muganga, bakamuvuza byihuse bakamushakira n'ifunguro rituma agarura imbaraga vuba.

Susuruka, Suzana na Musoni basa neza. Bakura neza, haba mu gihagararo no mu bwenge. Bahorana kandi ubuzima buzira umuze.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ababyeyi ba Susuruka, Suzana na Musoni bubahiriza iki?
2. Susuruka, Suzana na Musoni banywa igikoma ryari?
3. Ni iki ababyeyi ba Susuruka, Suzana na Musoni babishyurira kugira ngo bavuzwe bitagoranye?
4. Kubera iki ababyeyi bacu batwishyurira ubwisungane mu kwivuza?
5. Kuki badukingira?
6. Mu rugo iwanyu munywa amazi ameze ate?

# Imikino idufitiye akamaro

Nitwa Kavatiri, niga ku kigo cy'amashuri abanza cya Kavumu. Ku kigo cyacu, abayobozi n'abarezi badushishikariza kugira umurava mu masomo kugira ngo dutsinde neza. Baha kandi agaciro imikino n'imyidagaduro kuko bazi ko bituma ingingo zacu zigororoka ndetse zigakomera.

Iyo igihe cyagenewe imikino kigeze, dukina kivandimwe tutavunana tugashira amavunane. Abarezi bacu baratureka tugahitamo imikino dukina tukidagadura kakahava. Imikino yose iradushimisha. Turavuduka tugasiganwa, dusimbuka duhina amavi, dukina umupira, agati n'agatambaro bikaturinda kwigunga. Hari n'abahitamo kwidagadura baririmba babyina. Mu kigo cyacu kandi bategura amarushanwa y'imikino inyuranye.





Igihe kimwe bateguye irushanwa ryo gusiganwa mba uwa mbere. Abayobozi b'ikigo bampemba umupira wo gukina. Ngeze mu rugo, mbwira abana duturanye Muvara, Vareriya, Venusiti, Verena na Sirivani ko ku kigo cyacu bampembye umupira wo gukina. Barishima bansaba ko twabwira ababyeyi bacu ko twifuza gukora ikipe y'abana y'umupira w'amaguru. Ababyeyi bacu barabyemera ariko badusaba ko twajya dukina mu mpera z'icyumweru kugira ngo tutarangazwa n'imikino gusa tukibagirwa kwiga.

Mu mpera z'icyumweru dutangira gukinira hafi y'iwacu ku kibuga gikikijwe n'imivumu. Mu gihe abakinnyi bose bari bamaze kwitegura, umusifuzi avuza ifirimbi itangiza umukino. Turakina karahava ivumbi riratumuka. Mu kanya gato haza umugabo witwa Muvunyi atwaye ivatiri. Arahagarara yitegereza uko dukina biramushimisha. Umupira urangiye, adusanga mu kibuga. Atubwira ko tuzi gukina atwemerera kuzatuzanira imipira, amakabutura n'inkweto byo gukinana. Ubu turitoza ubutitsa. Mu minsi iri mbere tuzahagararira umurenge wacu mu marushanwa y'abana bato mu Karere.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ku kigo Kavatiri yigaho, abayobozi n'abarezi baha agaciro iki?
2. Ni iyihe mikino abana bigana na Kavatiri bakina?
3. Ni bande bahembye Kavatiri umupira wo gukina?
4. Ku ishuri mwidagadura ryari?
5. Ese wowe iyo uri ku ishuri cyangwa mu rugo ukina iyihe mikino?
6. Ese imikino dufitiye akahe kamaro?

# Kariza ku ishuri

Kariza avukana n'abana batatu Kwibuka, Rungano na Kangabe. Yavukanye ubumuga bw'uruhu. Kuva yavuka, ababyeyi be bahoraga bamuhishe ntibifuze ko hagira umuntu umubona ngo atabaseka ko babyaye umwana ufite uruhu rudasa n'urw'abandi. Basaza be babajyanye kwiga Kariza bamurekera mu rugo bigatuma ahora yigunze.

Umukuru w'umudugudu arabimenya ajya kubaza impamvu batajyana Kariza ku ishuri. Agezeyo abaza se Mbaraga ati: "Mbwira impamvu mutajyana Kariza kwiga kandi basaza be na murumuna we biga?" Mbaraga amusubiza ko Kariza atameze nk'abandi, ko ntaho bamuhingukana. Umukuru w'umudugudu ababwira ko abana bafite ubumuga bw'uruhu na bo bafite uburenganzira bwo kwiga nk'abandi. Ababwira kandi ko nibatamutangiza ishuri, bazahanwa. Mbaraga asaba imbabazi avuga ko babitewe n'ubujiji. Amwizeza ko bahita bamutangiza."





Nyuma y'iminsi ibiri, Mbaraga ashakira Kariza ibikoresho amujyana ku ishuri. Kariza yari yishimye, yambaye akajipo k'ubururu n'agashati k'umweru ahetse n'agakapu mu mugongo, se amufashe akaboko. Ageze ku ishuri umwarimu amwakirana urugwiro. Igihe cyo gukina kigeze abanyeshuri benshi bazenguruka Kariza baramwitegereza. Bose bari bafite amatsiko yo kumukoraho. Kariza ararira cyane ashaka kwitahira, umwarimu aramuhoza. Amaze kumuhoza abwira abanyeshuri ko Kariza ari umwana nka bo ko atari byiza kumushungera. Anababwira ko batagomba kumuheza mu mikino n'ahandi hose. Bose baramwumvira ndetse bakunda Kariza cyane.

Ntibyatinze Kariza amenyera ishuri, agasubiza neza ndetse n'imikoro akayikora neza. Igihembwe kirangiye agira amanota meza, ababyeyi be barishima ndetse baranamuhemba. Kuva ubwo ntibongera guterwa ipfunwe n'ubumuga bwe. Kariza na we yishimira ko yisanzura mu bandi bana kandi akaba ashoboye nka bo.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Kariza afite ubuhe bumuga?
2. Kuki ababyeyi ba Kariza bamuhishaga?
3. Umwarimu yakoze iki abonye abanyeshuri bashungereye Kariza?
4. Ese aho mutuye mujya mubona abana bafite ubuhe bumuga?
5. Kuki abana bafite ubumuga bw'uruhu na bo bagomba kwiga?
6. Ni iki wakora ubonye umwana ababyeyi be babujije kwiga kubera ko afite ubumuga?

# Wibabara n'akanyoni

Wibabara na murumuna we Kawera babanaga n'ababyeyi babo. Wibabara ageze igihe cyo kugana ishuri se na nyina banga kumujyanayo. Se avuga ko Wibabara azajya amufasha gusarura ikawa. Nyina yongeraho ko Wibabara azajya arera Kawera, na we agakora imirimo yo mu rugo.



Buri munsi Wibabara yabaga ateruye cyangwa ahetse Kawera. Nimugoroba akajyana na se gusoroma ikawa. Umunsi umwe barangije kuzisoroma se amukorera agafuka kuzuye ikawa amubwira gutaha. Wibabara anyura kure kubera kuyoba, bituma ananirwa cyane. Ageze ahantu hari igiti kinini, atura agafuka ngo aruhuke. Yicara munsi yacyo, afata agati ashushanya hasi umwana w'umukobwa wambaye imyenda y'ishuri ahetse n'agakapu. Ashushanya n'undi ku ruhande wikoreye agafuka kuzuye ikawa. Arangije afatwa n'umunaniro ahita asinzira. Muri icyo giti haza akanyoni karamwitegereza kagira impuhwe kiyemeza kumutabariza.

Se wa Wibabara ageze mu rugo asanga Wibabara ntarahagera. We n'umugore we batangira gutekereza ko yatinze akina n'abandi bana. Babonye bwije cyane, batangira guhangayika, biyemeza kujya kumushaka ariko baramubura. Batangira kuvuga ko nibamubona batazongera kumutuma gusoroma ikawa. Mu nzira, bumva akanyoni karirimba kati: "Mbega ababyeyi babi! Kuki muvunisha Wibabara ntimunamujyane ku ishuri nk'abandi?" Se na nyina baramwara, babwira ako kanyoni bati: "Wa kanyoni we turakwinginze tubabarire utubwire aho Wibabara ari? Akanyoni kati: "Nimukomeze imbere muramubona."



Ababyeyi ba Wibabara bageze imbere bamubona yegamye ku mufuka w'ikawa asinziriye. Mu nzozi ze yarimo arota abona undi mwana uvuye ku ishuri, akibaza we icyo ababyeyi be bamuhoye bamubuza kwiga nk'abandi. Nyina ahageze aramuhagurutsa, se yikorera ka gafuka k'ikawa barataha. Kuva uwo munsi biyemeza kutazongera gukoresha Wibabara imirimo ivunanye. Mu gihembwe cyakurikiyeho bajyana Wibabara ku ishuri. Wibabara ajya kwiga anezerewe cyane.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Wibabara yirirwaga mu rugo akora iki?
2. Wibabara yayobye avuye he?
3. Ni nde watabarije wibabara?
4. Ni nde ufite uburenganzira bwo kwiga?
5. Ababyeyi bagomba kurinda abana iki?
6. Muturanye n'umwana utiga wakora iki?

# Umwana ni nk'undi

Hariho umugabo witwa Camake akagira umugore witwa Domina. Bari bafite abana babiri b'impanga, Macari na Dariya. Igihe cyo gutangira ishuri kigeze, ababyeyi babo bajyana Macari kwiga ku ishuri ribanza rya Kabacuzi. Dariya ategereza ko na we atangira ishuri nka musaza we araheba.

Dariya yatangiye kwigunga. Iyo yabazaga ababyeyi be impamvu atatangiye ishuri, nyina yaramusubizaga ati: "Ceceka wowe ntuzajya kwiga, uzajya udufasha mu mirimo yo mu rugo." Se na we akamusubiza ati: "Mwana wange, uzajya ujya kurinda umuceri wange dore ureze, inyoni zitazawurira mu murima." Ababyeyi be bibwiraga ko kwiga atabishobora nka musaza we.

Bibwiraga kandi ko kumenya imirimo yo mu rugo bihagije ku mwana w'umukobwa.



Umunsi umwe, ababyeyi babo batuma Dariya gusoroma amacunga ku giti cyari hafi y'umuhanda. Agezeyo, atangira guhanura amacunga menshi. Nuko mu gihe yari arimo kuyahanura, Uwera, umuyobozi w'umurenge arahaca. Ahagarika imodoka, yegera Dariya amubaza impamvu atagiye ku ishuri. Dariya amusubiza ko iwabo banze ko yiga.



Nuko Umuyobozi w'Umurenge amusaba kumujyana iwabo, ngo age kubaza ababyeyi impamvu batajyanye umwana wabo ku ishuri. Se wa Dariya avuga ko yatekereje ko kwiga atabishobora kuko ari umukobwa. Uwera biramubabaza cyane niko kuvuga ati: "Iryo ni ihohoterwa. Uyu mwana na we yakwiga akazagirira igihugu akamaro. Nange narize ndatsinda kandi nari umwana w'umukobwa. Ejo bugomba gucya mumujyana ku ishuri." Ababyeyi barabyemera.

Byari ibyishimo bikomeye kuri Dariya gutangira ishuri. Yagezeyo yitwara neza asoza umwaka ari uwa mbere mu ishuri ryabo. Ababyeyi be na bo birabanezeza cyane basobanukirwa ko umwana w'umukobwa na we ashoboye.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Ni nde mwana iwabo batatangije ishuri?
2. Uwera abajije Dariya impamvu atagiye kwiga yamusubije iki?
3. Ni nde watumye Dariya atangira ishuri?
4. Ari abahungu n'abakobwa ni bande bagomba kwiga?
5. Umwana agomba gutangizwa ishuri ryari?
6. Usanze umwana mwigana bari kumuhohotera wabigenza ute?

# Amatungo ya Furaha

Furaha ni umworozi wa kijyambere utuye i Jabana. Yoroye amatungo arimo inka, inkoko, inkwavu, amafi, ingurube, ihene, imbwa n'injangwe. Furaha yitabaza umuvuzi w'amatungo Jabiro akamugira inama z'uko agomba gufata neza amatungo ye. Iyo harimo ayarwaye Jabiro arayavura akanabwira Furaha uko ayitaho.

Amatungo ya Furaha amufitiye akamaro kanini akakagirira n'abaturanyi be. Inka zimuha amata yo kunywa we n'umuryango we, agahaho n'abaturanyi be, asigaye akayagurisha. Mu kwezi kumwe agemura amajerekani ijana y'amata. Inkoko zimuha amagi menshi akagemurira abayacuruza. Furaha afite ingurube z'ubwoko bwiza bwororoka vuba, abantu bakaza kugura ibibwana byazo. Ihene na zo ni nyinshi arazigurisha akabona amafaranga.

Mu gishanga hafi y'aho Furaha atuye, ahafite ibyuzi by'amafi. Mu rugo iwe bakunda guteka amafi kuko abana be bakunda umufa wayo. Hejuru y'ibyo byuzi yahubatse ibibuti yororeramo inkwavu. Inkwavu ze zigira inyama ziryoha, akunda kuzigemura kuri hoteri ya Joriji. Furaha yoroye imbwa imurindira amatungo ikirukana abajura haba nijoro cyangwa ku manywa. Mu biraro by'amatungo ye ntiwabonamo imbeba kuko injangwe yoroye ihora izirukana.






Furaha yateye imbere mu buhinzi abikesha ifumbire y‘amatungo yoroye. Afite umurima wera ibijumba by'amafufu. Afite n’umurima w’imiteja yahinze i Jari. Amafaranga Furaha akura mu bworozi n’ubuhinzi bwe yatumye yubaka inzu nziza atuyemo yubaka n’ifuru atekeramo imigati. Furaha kandi yoroje abaturanyi be inka. Ibyo byatumye abona igikombe cy’umworozi mwiza mu karere. Abashaka korora baza kwigira ku bworozi bwe.

Mu rugo kwa Furaha abana bose bameze neza. Babona ibyo kurya byubaka umubiri birimo inyama, amagi n’amata bikomoka ku matungo ye. Furaha kandi yishyurira abana be amafaranga y’ishuri akabagurira n’ibikoresho abikesha ubworozi bwe.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Ni ayahe matungo Furaha yoroye?
2. Inka za Furaha zimumariye iki?
3. Furaha yari atuye he?
4. Vuga amatungo mworoye iwanyu mu rugo?
5. Korora inkoko bifite akahe kamaro?
6. Ese wumva wakorora irihe tungo?

# Urusaku rw'amatungo yo mu rugo



Kera, imbwa, injangwe, inkoko, inka, intama n'ihene byarabanaga. Ayo matungo yakundaga kwicara akaganira akajya inama. Umunsi umwe aricara, ajya inama y'igikorwa rusange yakorera hamwe ngo yiteze imbere. Nuko yose ahuriza ku gitekerezo cyo guhinga umurima w'imbuto. Atera amapera, amapapayi, imyembe n'indimu. Hashize igihe imbuto zose zirera, zirahisha, inyamaswa zitangira kujya zizisarura. Zimwe muri zo zikajyana imbuto ku isoko izindi zigasimburana kuzirinda kugira ngo hatagira abajura baza kuziba.

Umunsi umwe injangwe yiriwe irinda, ibona inkende nyinshi zuzuye mu murima w'imbuto zitangira kurya amapapayi n'amapera. Injangwe yitegereje ibona itashobora kwirukana inkende yonyine. Nuko injangwe inyawuza ihamagara izindi nyamaswa ngo ziyitabare. Inkende zireba injangwe zirayisuzugura cyane. Injangwe ikomeza kunyawuza cyane itabaza izindi nyamaswa.



Mu kanya gato, imbwa n'inka biba birahasesekaye bifasha injangwe kwirukana inkende. Imbwa iramoka, inka na yo irabira cyane. Ako kanya, ihene n'intama na zo ziba zumvise urusaku rw'izindi nyamaswa ruturuka mu murima wazo. Zimenya ko zatewe n'abajura nuko ziriruka cyane. Intama iratama cyane, ihene yungamo irahebeba ubutaruhuka.

Inkende zigira ubwoba bwinshi zibaza uko ziri bucike izo nyamaswa zose. Zisimbukira rimwe, ziruka zitareba inyuma. Za nyamaswa zizirukaho, ari nako zikomeza gusakuza. Abana bajyaga kuvoma bazibonye barahagarara. Batega amatwi urusaku rw'izo nyamaswa baratangara. Kuva ubwo, bamenya ko buri nyamaswa ifite ijwi ryayo ryihariye ikoresha ivugana n'izindi nyamaswa zikabasha kumvikana.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni ayahe matungo yabanaga?
2. Ni izihe mbuto amatungo yateye?
3. Inkende zije kwiba imbuto byagenze bite?
4. Ese mu rugo iwanyu mufite ayahe matungo?
5. Iyo imbwa ibonye umujura ikora iki?
6. Iyo inka ishonje ikora iki?

# Turye indyo yuzuye

Indyo yuzuye igizwe n'ibiribwa bitandukanye bituma umubiri wacu ugira intungamubiri ukeneye. Indyo yuzuye ituma umubiri ukura neza kandi ugakora neza. Kurya indyo yuzuye si ukurya ibiryo byinshi kandi si ukurya ugahaga. Ahubwo ni ukurya igaburo ririho ibiribwa birinda indwara, ibyubaka umubiri ndetse n'ibitera imbaraga.

Ibiribwa bitera imbaraga ni ibiribwa biha umubiri ingufu zihagije ukeneye. Bituma umuntu agira imbaraga zituma akora imirimo itandukanye. Muri ibyo biribwa dusangamo imyumbati, umuceri, ibijumba, ibirayi, amateke, ingano, amasaka n'ibindi binyampeke.

Mu ndyo yuzuye kandi habamo ibirinda umubiri indwara. Ibyo biribwa bigizwe n'imboga n'imbuto. Mu mboga harimo imyungu, karoti, isombe, inyanya, puwaro, intoryi, dodo, epinari n'izindi. Mu mbuto harimo avoka, imyembe, inanasi, amapera, indimu, inkeri n'izindi. Imbuto n'imboga bikize kuri za vitamini zirinda umubiri indwara, zigatuma tugumana ubuzima bwiza.





Mu ndyo yuzuye kandi dusangamo ibiribwa byubaka umubiri. Mu byubaka umubiri harimo inyama, amafi, indagara, amagi, amata n'ibiyakomokaho. Harimo kandi ibishyimbo, amashaza, soya n'ubunyobwa. Ibi biribwa bifasha umubiri wacu kwiyubaka, bigatuma imisatsi n'inzara bikura ndetse n'amagufwa agakomera. Ibiribwa bikorerwa mu nganda na byo bigirira umubiri wacu akamaro. Nta ngaruka bigira ku mubiri iyo umuntu abifashe ku rugero rukwiye. Ni ngombwa kureba ko bitarengeje igihe mbere yo kubifata.

Duharanire kurya indyo yuzuye kuri buri gaburo kuko indyo yuzuye ari urukingo rukomeye ku buzima bw'umuntu wese yaba umwana cyangwa umukuru.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Indyo yuzuye igizwe n'ibihe biribwa?
2. Ni ibihe biribwa byubaka umubiri?
3. Ese imboga n'imbuto bifitiye umubiri wacu akahe kamaro?
4. Amata munywa mu rugo abamariye iki?
5. Mwabwira iki abana batarya imboga?
6. Ni bande bagomba kurya imbuto?

# Ubwenge burarahurwa

Umuryango wa Nyamurinda n'umugore we Nyenyeri, wari utuye i Nyamata. Bari bafite abana batatu Shema, Sheja na Munyana. Bari batunze inka ariko bamara gukama amata yose bakayagurisha kwa Gashema. Batungwaga n'ibijumba n'amazi gusa. Abana babo bari bananutse cyane, imisatsi yaracuramye kandi bagahora barwaragurika.

Umunsi umwe, Nyamurinda ajya kugisha inama umuturanyi we Shumbusho. Agezeyo amubwira ko abana be barwaragurika kandi ko bananutse bikabije. Shumbusho amubaza icyo abagaburira, Nyamurinda amusubiza ko abagaburira ibijumba n'amazi gusa. Shumbusho aratangara yihutira kujya gusura abana ba Nyamurinda.

Agezeyo abonye uko abana bameze, ahita abwira Nyamurinda n'umugore we ko abana babo barwaye bwaki batewe n'uko batarya indyo yuzuye. Nyenyeri ahita abaza Shumbusho icyo indyo yuzuye ari cyo. Shumbusho abasobanurira ko indyo yuzuye ikubiyemo ibyubaka umubiri nk'inyama, amata, amafi, amashaza, ibishyimbo n'ibindi. Yongeraho ko iba irimo ibitera imbaraga nk'ibinyamafufu birimo ibijumba, imyumbati n'ibindi. Ababwira kandi ko ikubiyemo n'ibirinda indwara nk'imboga z'amashu, inyanya, dodo n'izindi ndetse n'imbuto nk'ibinyomoro, amatunda, indimu n'izindi.





Shema, Sheja na Munyana bari bateze amatwi ibyo Shumbusho abwira ababyeyi babo, baramwinginga ngo abigishe uko bateka indyo yuzuye, Shumbusho arabemerera. Kuva ubwo Nyamurinda n'umugore we Nyenyeri bakajya bajya gufata amasomo yo guteka kwa Shumbusho bavayo bagatekera abana babo indyo yuzuye. Mu byumweru bibiri, abana babo bari bamaze kondoka bameze neza.


## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Umuryango wa Nyamurinda wari utuye he?
2. Umuturanyi wa Nyamurinda yitwaga nde?
3. Mu byumweru bibiri Nyamurinda n'umugore we batekera abana babo byagenze bite?
4. Iwanyu mu rugo ni ubuhe bwoko bw'imboga murya?
5. Ese ni he dukura ibiribwa turya mu rugo?
6. Indyo yuzuye itumariye iki?

# Umushyitsi udasanzwe

Gasore na Nirere biga mu kigo cy'amashuri abanza cya Muhororo. Umunsi umwe, umujyanama w'ubuzima witwa Munana yasuye ikigo bigaho, ageze mu ishuri bigamo arabaganiriza. Munana ababaza niba biga neza, bamusubiza ko biga neza nta kibazo. Bamusubiriramo bimwe mu byo bize arabashima. Munana ababwira ko kugira ngo bige neza ari uko baba bafite ubuzima bwiza. Ababwira kandi ko kugira ngo umwana agire ubuzima bwiza ari uko arya indyo yuzuye. Abasobanurira ko kutarya indyo yuzuye bitera indwara nka bwaki, uruzingo n'irungu.

Munana arakomeza ababwira ko bagomba kubwira ababyeyi babo bakajya babagaburira ibiryo birimo imboga buri munsi. Kandi bakihatira kuzirya kugira ngo zibarinde indwara. Ababwira kandi ko bagomba kubwira ababyeyi babo bakajya babaha kenshi ibikomoka ku matungo nk'amagi, amafi, inyama, amata n'ibindi. Anababwira kandi ko bagomba kurya ibijumba, ibirayi, imyumbati, amateke n'ibindi kugira ngo bagire imbaraga bige neza. Abibutsa ko imbuto na zo ari ingirakamaro kuko zibarinda indwara. Ababwira ko bagomba kubwira ababyeyi babo bakajya babaha imbuto.





Gasore na Nirere batashye bihutira kubwira ababyeyi babo ko mu ishuri ryabo basuwe n'umushyitsi udasanzwe. Bababwira ibyo yabaganirije byose n'ibyo yabasabye kubwira ababyeyi babo. Ababyeyi biyemeza kujya bagaburira abana indyo yuzuye. Bakora uturima tw'igikoni bateramo amoko y'imboga atandukanye, batangira korora inkoko n'inkwavu kugira ngo babone amagi n'inyama bitabagoye. Biyemeza no gutera ibiti by'imbuto. Guhera ubwo batangira kugaburira abana babo ifunguro riboneye.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ishuri ryasuwe ryitwa ngo iki?
2. Ni nde wasuye abanyeshuri ku ishuri?
3. Umushyitsi udasanzwe yaganirije abanyeshuri ibijyanye n'iki?
4. Iyo ugeze mu rugo ukunda kurya ki?
5. Kuki ababyeyi bakoze uturima tw'igikoni, bakanorora inkoko n'inkwavu?
6. Iyo murwaye muri mu rugo mujya kwivuriza he?

# Tuzigamire ejo hazaza

Gakwaya na Mbayire batuye mu Mudugudu wa Muramba. Iyo miryango yombi itunzwe n'ubuhinzi. Bahinga ibishyimbo, ibijumba, imyumbati n'imboga. Bakoresha ifumbire y'imborera, imyaka yabo igahora itohagiye.



Gakwaya ni umukungu. Iwe mu rugo ibigega bihoramo imyaka. Iyo asaruye imyaka ye, afatanya n'umugore we Mbabazi bagakuraho ibibatunga n'ibyo bahunika mu bigega. Ibisigaye bakabigurisha, amafaranga bakayabitsa mu kigo k'imari. Ibyo babikora bateganyiriza ejo hazaza kugira ngo batazabura ibyo kurya cyangwa imbuto yo guhinga.

Mbayire we arasesagura. Iyo yejeje imyaka ayigurisha yose. Amafaranga akuyemo akayinezezamo we n'umuryango we. Bagura imyenda myiza, ibyo kurya biryoshye ndetse bagatembera ahantu hanyuranye. Nyuma y'igihe gito amafaranga yabashirana bagatangira kubura ibyo kurya mu rugo. Igihe cyo guhinga cyagera bakabura imbuto yo gutera.



Igihe kimwe umuryango wa Mbayire wahuye n'ubukene bukabije. Mbayire n'umugore we bakajya barara badasinziriye bibaza icyo bakora. Hashize iminsi, Mbayire afata ikemezo cyo kujya kugisha inama Gakwaya. Agezeyo arasuhuza baramwikiriza. Gakwaya abaza Mbayire ati: "Ko utuzindukiye ni amahoro?" Mbayire ati: "Nta kigenda inzara irenda kutwica!" Gakwaya ati: "Ko mperuka weza neza, byakugendekeye bite?" Mbayire ati: "Umusaruro wose twarawugurishije, amafaranga turayakoresha." Gakwaya ati: "Wagombaga guhunika ugateganya ibizatunga urugo rwawe ndetse ukabona n'imbuto. Amafaranga wagurishije umusaruro wawe iyo uza kuyabika mu kigo k'imari ubu aba akugobotse."

Nuko Gakwaya afata ku musaruro yari yarahunitse, aha Mbayire ibyo kurya. Mbayire aramushimira, amwizeza ko azigamaho imbuto azahinga ndetse akazamwishyura asaruye. Igihe k'ihinga cyarageze, Mbayire ntiyabura imbuto, ahingira igihe byera neza. Asaruye yiga guhunika nka Gakwaya na we aba umukungu. Ashimira Gakwaya ineza yamugiriye.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Iyo Gakwaya n'umugore we basaruye imyaka babigenza bate?
2. Iyo Mbayire yejeje imyaka akora iki?
3. Ni nde wahaye Mbayire ibyo kurya amaze gukena?
4. Iwanyu mu rugo mugira aho mubika ibyo kurya?
5. Mu rugo iwacu iyo tutizigamiye bitugendekera bite?
6. Ese kubera iki ari byiza kubika amafaranga muri banki?

# Tureke gusesagura

Kwitonda na Kanyana biga mu mwaka wa mbere. Babana n'ababyeyi babo i Nyagasambu. Se na nyina bahora babigisha gufata neza ibyo batunze n'ibikoresho byabo by'ishuri birinda kubisesagura.

Umunsi umwe, se na nyina babasize ku rugo, bakora uturimo barangije barakina. Nyuma yo gukina bafata amazi n'isabune barakaraba. Barangije barekera amasabune mu mazi yari mu mabase bakarabiyemo ashongeramo. Kwitonda na Kanyana bafata ibiryo ababyeyi babasigiye bararya. Bahaze ibisigaye ku masahani yabo babimena mu mbuga.

Ababyeyi babo batashye, basanga imbuga yuzuyemo ibiryo Kwitonda na Kanyana banyanyagijemo. Bagiye mu bwogero, basanga amasabune yashongeye mu mazi yuzuye amabase barumirwa. Babasobanurira ko atari byiza gusesagura. Bababwira ko umuntu wese yaba umwana cyangwa umukuru, yarurira ku isahani ye ibiryo amara, kugira ngo ibisigaye amaze guhaga bidapfa ubusa. Bababwira kandi ko atari byiza kumenagura amazi no gusiga isabune mu mazi nyuma yo gukaraba.





Umunsi ukurikira, Kwitonda na Kanyana bavuye ku ishuri basa nabi, amakaramu bayataye n'amakayi yacikaguritse. Ababyeyi bababaza impamvu bataye bakanangiza ibikoresho by'ishuri. Basubiza ko bakiniye mu byondo amakayi agacika n'amakaramu agatakara.

Se na nyina bababwira ko kizira guta cyangwa kwangiza ibikoresho by'ishuri. Bituma ababyeyi bakoresha nabi amafaranga bazigamiye gukora ibindi, bityo bakaba basesaguye. Babibutsa kandi ko kumena ibiryo, gupfusha ubusa amazi, kudakoresha neza isabune ko na byo ari ugusesagura. Kuva ubwo Kwitonda na Kanyana biyemeza kugira umuco wo kudasesagura.


## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Ni iki ababyeyi ba Kwitonda na Kanyana bahora babigisha?
2. Kwitonda na Kanyana bamaze kurya bakoze iki?
3. Kwitonda na Kanyana baje basa nabi bavuye he?
4. Ese mu rugo iwanyu iyo bakwaruriye ibiryo ukabisigaza ubishyira he?
5. Kuki mugomba gufata neza ibikoresho by'ishuri?
6. Ese iyo murangije gukaraba isabune muzishyira he?

# Byishimo n'abavandimwe be

Kera habayeho inyamaswa zikabana neza mu ishyamba. Iryo shyamba ryari ririmo ibiti bitohagiye bibereye ijisho. Muri ibyo biti harimo ibyera imbuto inyamaswa zasoromaga zikarya zigahaga. Harimo utunyugunyugu dufite amabara meza n'inyoni z'amoko menshi. Izo nyamaswa zari zifite iriba ritemba amazi y'urubogobogo mu kibaya. Wasangaga ku gicamunsi zihateraniye zaje kunywa amazi no kwiyuhagira.

Muri izo nyamaswa harimo ingwe Rugero ikagira abana batatu Byishimo, murumuna wayo Tetero na mushiki wayo Kazuba. Zakundaga gukinira mu mashami y'ibiti bakagubwa neza. Igihe kimwe Rugero yagiye guhiga, haza imbeho nyinshi, Byishimo, Kazuba na Tetero batangira gutitira. Bigira inama yo gucana umuriro ngo bote. Bamaze gucana, umuriro uragurumana, ufata amashami y'ibiti ishyamba rirashya. Inyamaswa zose zitangira guhunga, ariko zimwe muri zo zijya aho umuriro uri guturuka ngo ziwuzimye.






Za nyamaswa zizimya umuriro vubavuba. Zirangije Ntare umwami wazo arazikoranya azibwira ko buri nyamaswa yose igomba kubungabunga ibidukikije. Izisobanurira ko iyo ishyamba rihiye, ibimera byangirika, inyamaswa zigahumeka umwuka uhumanye n'ibyatsi bigahinduka umuyonga. Yongeraho ko ibyari by'inyoni bishya kandi birimo abana bazo ndetse n'udusimba duto nk'utunyugunyugu tukabura ubuzima.

Muri ako kanya inzovu iza ibabaye ivuga ko amazi yose yahindutse umukara kubera ivu ryaturutse mu ishyamba rizanywe n'umuyaga. Inyamaswa zose zigwa mu kantu! Rugero isaba imbabazi ivuga ko ari abana bayo bacanye umuriro bashaka kota ukangiza ibidukikije. Byishimo na yo isaba imbabazi mu izina ry'abavandimwe bayo yizeza inyamaswa zose ko batazongera. Inyamaswa zibabarira abana ba Rugero. Hashize iminsi, imvura iragwa ishyamba rirakura, inyamaswa zongera kubaho neza.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Abavandimwe ba Byishimo ni bande?
2. Ni iki cyatumye ishyamba rishya?
3. Ishyamba rimaze gushya byagenze bite?
4. Ibiti bifitiye inyoni akahe kamaro?
5. Twafata neza dute amavomero yacu?
6. Ni gute twakwirinda kwangiza ibiti?

# Tugire umuco wo kuzigama



Iriza yagiye gusura nyirarume witwa Gakwandi i Karongi. Agezeyo nyirarume amuha inkokokazi ngo age kuyorora. Iriza ageze iwabo, ayereka ababyeyi be nuko bamwubakira ikibuti cyo kuyororeramo. Hashize iminsi mike ya nkokokazi itangira gutera amagi. Ababyeyi be bamugira inama yo kujya yizigamira mu gasanduku amafaranga azajya agurisha amagi.

Nyina wa Iriza yakuragaho amagi yo kurya mu rugo, asigaye akayajyana ku isoko, amafaranga akayaha Iriza na we akayabika mu gasanduku. Hashize amezi atandatu, Iriza afungura ka gasanduku asangamo amafaranga ibihumbi bitandatu. Ayereka ababyeyi be bamugira inama yo kuyamuguriramo izindi nkoko kugira ngo yorore inkoko nyinshi, Iriza arabyemera.



Se amugurira izindi nkokokazi enye n'isake ebyiri. Yagura ikibuti ndetse akizengurutsa uruzitiro kugira ngo zitazajya zijya kona imyaka mu murima. Iyo Iriza yavaga ku ishuri cyangwa batize, yitaga ku nkoko ze agashimishwa no kuzigaburira mu bikoresho byabugenewe ndetse no kuziha amazi meza. Nyuma y'igihe gito, za nkokokazi na zo zitangira gutera. Amagi amaze kuba menshi bayaha inkoko zirayararira zituragamo imishwi myinshi. Wasangaga abantu baza iwabo wa Iriza kugura amagi n'imishwi yo korora.

Iyo abana bigana na Iriza bamusuye, ajya kubereka inkoko ze, bagatangazwa n'ubwinshi bwazo maze bakamubaza aho yazikuye. Na we akabasubiza ko yahereye ku nkoko imwe, amafaranga akuye mu magi yagurishije akayagura izindi nkoko bityo ziba nyinshi.

Ubu ubworozi bwa Iriza bwateye imbere. Iyo nyirarume Gakwandi aje kumusura ashimishwa n'uko yafashe neza inkokokazi yamuhaye. Ababyeyi be na bo bashimishwa n'uko Iriza yumviye inama zabo. Iyo bashaka kumugurira ibyo akeneye nk'imyenda, inkweto n'ibikoresho by'ishuri bahera ku mafaranga yizigamiye.

## Ibibazo byo kumva umwandiko


1. Nyirarume wa Iriza yamuhaye iki?
2. Amafaranga Iriza yagurishaga amagi yayamazaga iki?
3. Iriza amaze gufungura agasanduku yasanzemo amafaranga angahe?
4. Ese iyo umuntu aguhaye amafaranga urayabika cyangwa uyagura bombo cyangwa amandazi?
5. Kuki tugomba kubika amafaranga?
6. Amafaranga twizigamiye dushobora kuyabika he?

# Giraneza na Kanyenyeri

Kanyenyeri ni umwana w'umukobwa wavukanye ubumuga bwo kutabona. Yigana na Giraneza mu mwaka wa mbere. Ababyeyi babo baraturanye bigatuma Kanyenyeri na Giraneza bakundana cyane. Giraneza abyuka kare akajya kureba Kanyenyeri. Ababyeyi be baba bamutunganyije, akamufata ukuboko bakerekeza ku ishuri. Mu nzira, bagenda baganira bishimye. Kanyenyeri agenda abwira Giraneza udukuru yasomewe na mukuru we nimugoroba. Bakagenda baseka bishimye.



Mu nzira Giraneza ayobora Kanyenyeri kugira ngo adasitara akaba yakomereka. Iyo bageze mu ishuri, Giraneza yicara hafi ya Kanyenyeri akamufasha. Umwarimu wabo Sugira ahora abwira abandi bana kwigira kuri Giraneza, bita ku bana bafite ubumuga. Ababwira ko abafite ubumuga ari abantu nk'abandi, ko bashoboye bityo ko batagomba guhezwa.



Igihe kimwe bari gukina ku ishuri, Kanyenyeri yumvise abana baririmba babyina asaba Giraneza kumujyanayo. Bagezeyo Kanyenyeri aririmbana na bo bumva afite ijwi ryiza cyane bamusaba ko yakwinjira mu itorero ryabo. Kanyenyeri arabyemera. Nyuma y'igihe gito Kanyenyeri atangira no gucuranga inanga bose batangazwa n'ubuhanga afite mu gucuranga.

Ikigo cyabo cyamenyekanye kubera itorero ryabo, ariko cyanecyane kubera uburyo Kanyenyeri akaraga imirya y'inanga. Ibyo byatumye gitangira gutumirwa mu marushanwa akomeye ku rwego rw'akarere. Igihe cyose cyatumirwaga, kegukanaga umwanya wa mbere. Ikigo kibona imidari n'ibikombe ndetse n'itorero rihabwa ibihembo bishimishije. Bifasha abagize itorero kubona ibikoresho n'imyambaro y'ishuri batabisabye ababyeyi.

## Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ninde ufite ubumuga bwo kutabona?
2. Giraneza yajyanaga Kanyenyeri hehe?
3. Ni iki Kanyenyeri yari azi gucuranga cyane?
4. Ni gute twafasha abana bafite ubumuga butandukanye?
5. Kubera iki tutagomba guheza abana bafite ubumuga mu mashuri?
6. Ni iki wigiye muri iyi nkuru?

USAID
FROM THE AMERICAN PEOPLE